




# Ikinyarwanda

## Igitabo cy'umunyeshuri

### Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza

Icapwa rya kabiri



2



Iki gitabo ni umutungo wa Leta  
y'u Rwanda

Ntikigurishwa



**Ikinyarwanda**

**Igitabo cy'umunyeshuri**

**Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza**

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze  
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo,  
buhungu n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze  
(REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkuga ya Leta y'Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.



# Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa kabiri w'amashuri abanza cyanditswe bwa mbere n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye. Iki gitabo cyavuguruwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Tunoze Gusoma, ku nkunga ya Banki y'Isi.

Iki gitabo cyanditswe hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi bwerekana uburyo bwo kwigisha gusoma no kwandika bujyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi. Twizeye tudashidikanya ko iki gitabo kizagira uruhare rukomeye mu kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika mu Kinyarwanda mu mashuri abanza.

Tuboneyeho umwanya wo gushimira abantu bose bagize uruhare mu ivugururwa ry'iki gitabo by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID Tunoze Gusoma" na Banki y'Isi yatanze inkunga mu Rwego rw'imari.

Twizeye nta shiti ko ubu bufatanye buzafasha abana biga mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kumenya gusoma no kwandika ku buryo bushimishije.

Dushoje dushimira byimazeyo umurava n'ubwitange by'abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze n'abandi bose bagize uruhare mu gusuzuma, gukosora, kunoza no kwemeza iki gitabo hagamijwe gukomeza guteza imbere ireme ry'uburezi mu Rwanda.



Dr. MBARUSHIMANA Nelsa,  
Umuyobozi Mukuru wa REB

# Gushimira

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu ivugururwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, abahanga batandukanye mu rurimi rw'Ikinyarwanda n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kuvugururwa . Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo ndetse n'abagitunganyije.

Ndashimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kuvugurura iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAIDTunozze Gusoma" inkunga yo mu buryo bwose cyatanze kugira ngo iki gitabo gishobore kuvugururwa.

Ndashimira byimazeyo Banki y'Isi ku nkunga yo mu buryo bw'imari yatanze kugira ngo iki gitabo gishobore kuvugururwa no gutuburwa kugira ngo gishyirwe mu mashuri.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ry'ubutaha.



MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

## IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze.....	iii
Iriburiro.....	vii
Itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda mu mukono.....	ix
Umutwe wa mbere: Umuco w'amahoro.....	1
Isubiramo.....	2
Lgihekanets/Ts.....	14
Lgihekane nz/Nz.....	17
Lgihekane rw/Rw.....	22
Lgihekane by/By.....	25
Lgihekane nt/Nt.....	30
Lgihekane mw/Mw.....	33
Isuzuma risoza umutwe wa mbere.....	38
Umutwewakabiri:Inshinganoz'abana.....	40
Lgihekane tw/Tw.....	40
Lgihekane bw/Bw.....	43
Lgihekane cy/Cy.....	48
Lgihekane ry/Ry.....	51
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri.....	56
Umutwewagatatu:Uburenganzira bw'abana.....	58
Lgihekane my/My.....	58
Lgihekane nk/Nk.....	61
Lgihekane nj/Nj.....	66
Lgihekane mv/Mv.....	69
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu.....	74
Umutwe wa kane: Imiyoborere myiza.....	76
Lgihekane mp/Mp.....	76
Lgihekane jy/Jy.....	79
Lgihekane pf/Pf.....	84
Lgihekane zw/Zw.....	87
Lgihekane nw/Nw.....	92
Isuzuma risoza umutwe wa kane.....	97
Umutwe wa gatanu: Isuku.....	99
Lgihekane ns/Ns.....	99
Lgihekane mby/Mby.....	102
Lgihekane shy/Shy.....	107
Lgihekane nsh/Nsh.....	110

Lgihekane gw/Gw .....	115
Lgihekane jw/Jw .....	118
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu .....	123
<b>Umutwewagatandatu: Ikoranabuhangan'itumanaho.....</b>	<b>125</b>
Lgihekanenny/Nny.....	125
Lgihekane nyw/Nyw .....	128
Lgihekane njy/Njy .....	133
Lgihekane ngw/Ngw.....	136
Lgihekane shw/Shw.....	141
Lgihekane mbw/Mbw.....	144
Lgihekane mf/Mf.....	149
Lgihekane ndw/Ndw.....	152
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu .....	157
<b>Umutwe wa karindwi: Iterambere .....</b>	<b>159</b>
Lgihekane nzw/Nzw.....	159
Lgihekane sw/Sw.....	162
Lgihekane hw/Hw .....	167
Lgihekane nsw/Nsw.....	170
Lgihekane tsw/Tsw .....	175
Lgihekane ntw/Ntw .....	178
Lgihekane ty/Ty.....	183
Lgihekane nkwi/Nkw .....	186
Lgihekane py/Py .....	191
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi.....	196
<b>Umutwe wa munani: Ubuzima.....</b>	<b>198</b>
Lgihekane njw/Njw.....	198
Lgihekane dw/Dw .....	201
Lgihekane sy/Sy .....	206
Lgihekane fw/Fw.....	209
Lgihekane ndy/Ndy .....	214
Lgihekane cw/Cw.....	217
Lgihekane nshy/Nshy.....	222
Lgihekane nty/Nty.....	225
Isuzuma risoza umutwe wa munani.....	230
Imyandiko y'inyongera.....	233
<b>Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe.....</b>	<b>237</b>

# Iriburiro

Mu mpera z’umwaka wa 2022, Ishami ry’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Uburezi bw’Ibanze (REB), rishinzwe Gutegura Integanyanyigisho n’Imfashanyigisho, ryakoze isesengura ry’ibitabo by’Ikinyarwanda bikoreshwa kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu w’amashuri abanza.

Icyo gikorwa cyagaragaje ibyiza bikubiye muri ibyo bitabo n’ibice bikwiye kunozwa, kugira ngo bifashe abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy’amashuri abanza kwiga gusoma no kwandika mu buryo buboneye.

Ni muri urwo rwego iki gitabo cy’umunyeshuri cyanditswe hashingiwe ku nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, ubushakashatsi no ku buryo buboneye kandi bufasha abana kwiga gusoma no kwandika mu Kinyarwanda.

Ibi bizatuma abanyeshuri biyubakamo umuco wo gusoma bakiri bato. Ni ngombwa kandi ko ababyeyi bashishikariza abana gufata neza ibitabo byo gusoma.

Imyitozo iri muri iki gitabo ishingiyeye ku nkingi esheshatu zo kwigisha gusoma no kwandika nk’ishingiro ryo kwiga neza gusoma no kwandika mu buryo bwihuse. Izo nkingi ni ururimi mvugo, itahuramajwi, ihuzamajwi, inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko. Ibikorwa byo kwandika na byo byashyizwemo nk’indi nkingi ibumbatiye ubushobozi abanyeshuri bakeneye mu myigire yabo.

Buri munyeshuri azahabwa igitabo. Azajya agitahana mu rugo buri muni. Ibi bizamufasha gusubiramo ibyo yize mu ishuri afashijwe n’ababyeyi, abavandimwe, abamurera cyangwa abandi bese babana mu rugo. Ubushobozi bwo gusoma no

kwandika bwiyongera iyo umunyeshuri abikoze mu gihe gihagije akaba ari yo mpamvu ari ngombwa ko abikora no mu gihe ari mu rugo.

Iki gitabo kirimo ibimenyetso bifasha abanyeshuri kumenya ibigomba gukorwa kuri buri mwitoto. Ibi bifasha umunyeshuri kwikorera umwitoto mu gihe adafite umwerekera ndetse no mu gihe ataramenya kwisomera amabwiriza.

Abanyeshuri baba abasomyi beza iyo basoma kenshi. Ni muri urwo rwego hateganyijwe inkuru nyinshi abanyeshuri bisomera, zanditswe hashingiwe ku bihekane bigomba kwigwa, kugira ngo babone umwanya

uhagije wo kwimenyereza gusoma. Izo nkuru kandi ziyanye n'amashusho yakoreshejwe kugira ngo afashe abanyeshuri kongera ubushobozi bwo kumva umwandiko, gutahura icyo inkuru iri buvugeho cyangwa gusubiza ibibazo ku nkuru basomye.

Kwigisha inyunguramagambo na byo byateganyijwe muri izo nkuru kandi ni ngombwa kuzigisha kuko iyo abanyeshuri basobanukiwe amagambo menshi bibafasha kumva neza umwandiko.

Nk'uko byavuzwe haruguru, muri iki gitabo harimo kandi imyitoto myinshi yo kwandika izafasha abanyeshuri kwandika ibihekane, imigemo, amagambo ndetse n'interuro. Iyi ni imwe mu myitoto ababyeyi baheraho bagafasha abana mu gihe bari mu rugo.

Iki gitabo gikubiyemo imyitoto y'isubiramo n'isuzumabushobozi ku bimaze kwigishwa. Ibi bikazafasha abarimu n'ababyeyi kumenya ubushobozi bw'abanyeshuri babo, bityo bakabasha kubafasha no kubakurikirana bitewe n'ikigero barimo.

Twizeye ko iki gitabo nigikoreshwa neza kandi buri gihe, kizafasha abanyeshuri guhinduka abasomyi beza.

# Itonde ry inyuguti z Ikinyarwanda mu mukono

a A

b B

c C

d D

e E

f F

g G

h H

i I

j J

k K

l L

m M

n N

o O

p P

r R

s S

t T

u U

v V

w W

y Y

z Z





# Isubiramo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **i**



2. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **u**




3. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **o**



4. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **a**



5. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **e**



6. Soma kandi wandike inyajwi zikurikira.



~

ç

á

É

ì

^

l

f

b


r

# Isubiramo


1. Ereka kandi uvuye izina ry'ishusho irimo ijwi **r**, irimo ijwi **k** n'irimo ijwi **b**.



2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.




4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.

- a) Barore arareba akarabo.
- b) Kirabo arabereka uko babara.


1. Ereka kandi uvuye izina ry'ishusho irimo ijwi **n**, irimo ijwi **m** n'irimo ijwi **g**.




2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.

- 
- a) Umugeni arigera urunigi.
  - b) Ibigori biri mu kigega.

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Gugu na Karabo



Karabo ari mu rugo ku kagoroba.  
Arababara kubera kubura abo akina na bo.  
Abona **akanuma** Gugu kararira amagi.  
Karabo akereka uburo karamanuka.  
Karabo akina na Gugu akira **umubabaro**.

- Ni iki gituma Karabo ababara?
- Ni iki Karabo yereka akanuma?
- Ni nde ukina na Karabo?

# Isubiramo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **y**, irimo ijwi **t** n'irimo ijwi **z**.



2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



zi

yu

te

za

yo

ta

3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



utuyuzi

utuyira

umutozo

Yuriya

umutuzo

amayugi

Zakariya

Yuriyana

4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.



a) Zakariya yatuzaniye utuyuzi.

b) Gahizi ni umuyobozi uyobora neza.

5. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **h**, irimo ijwi **s** n'irimo ijwi **v**.



6. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



ha

so

vu

he

vi

sa

7. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



umusave

umusaza

amavuta

umuhererezi

Umuhiza

umusego

guhaha

isaha

8. Soma kandi wandike interuro zikurikira.



a) Nugerayo usuhuze Suzana.

b) Umuhiza avuye guhaha

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Tubareke basome



Vuguziga yahuye na Tetero agiye mu **isomero**.

Vuguziga asaba Tetero kumuherekeza mu isomero.

Tetero amusubiza ko **abamurera** bamuhaye imirimo.

Vuguziga arabasura, abasaba kureka Tetero akigira gusoma.

Baramureka, akurikira Vuguziga mu isomero anezerewe.

a) Vuguziga yahuye na Tetero agiye he?

b) Tetero yakurikiye Vuguziga bajyana he?


c) Vuguziga na Tetero bagiye gukora iki mu isomero?

# Isubiramo


1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **w**, irimo ijwi **c** n'irimo ijwi **d**.




2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.



1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **f** irimo ijwi **j** irimo ijwi **p** n'irimo ijwi **l**.




2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.





5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ineza ya Rusake



Gahene yakinaga na Rusake iwabo i Jali.

Babona ikirura, Rusake agurukira mu ipapayi.

Gahene we yuriye biramunanira, asigara **acaracara** ahebeba.


Rusake asaba Gahene kudahebeba, yiyemeza kumuzamura.

Rusake akurura Gahene, ikirura **kiraheba**.


- Gahene na Rusake bakoraga iki?
- Rusake yasabye Gahene gukora iki?
- Rusake yakoreye iki Gahene?

# Isubiramo


1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nd**, irimo ijwi **ng** n'irimo ijwi **ny**.




2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.




4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.




1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **sh**, irimo ijwi **kw** n'irimo ijwi **mb**.




2. Soma kandi wandike imigemo ikurikira.



3. Soma kandi wandike amagambo akurikira.



4. Soma kandi wandike interuro zikurikira.





5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Igihembo gishimishije



Kanyange yagize amanota ashimishije bamuhemba agakwavu. Ndizihiwe amusaba ko bakagurisha bakagura amacunga. Kanyange amusubiza ko akorora kakazamuha utundi dukwavu. Ndizihiwe biramushimisha amusezeranya kuzamufasha **kukahirira**. Agakwavu karororoka, Kanyange **yoroz**a Ndizihiwe.

- Kanyange yahawe ikihe gihembo?
- Ndizihiwe yasabye iki Kanyange?
- Kanyange yakoreye iki Ndizihiwe?

# Kwandika inyuguti mu mukono

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.

       
iii      uuu      aaa

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.

       
III    UUU    AAA

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto n'inkuru zikurikira.

       
iI      uU      aA

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.

       
ooo      eee      ccc

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.

       
OOO    EEE    CCC

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.

       
ace      uce      ico

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.



nnn mmm vvv

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.



NN MM VV

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



amavi inuma Ana

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.



www sss rrr

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.



WWW SSS RRR

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



isaso Uwera ururo

# Kwandika inyuguti mu mukono

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.



g g g j j j p p p

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.



G G G J J J P P P

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto n'inkuru zikurikira.



Gaperi igipesu ijeri

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.



z z z y y y l l l

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.



Z Z Z Y Y Y L L L

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



iyizire Jali ipapayi

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.

 t t t   h h h   d d d

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.

 T T T   H H H   D D D

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.

 gutaha - yahiye - Tadeyo

1. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nto zikurikira.

 b b b   k k k   f f f

2. Soma kandi wandike mu mukono wigana inyuguti nkuru zikurikira.


 B B B   K K K   F F F

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.

 Kigali ikibabi gufotora

# Igihekane ts/Ts

1. Ereka kuri uva uvuye izina ry'ishusho irimo ijwi **ts**.



2. Ereka kuri usome igihehekane **ts/Ts**.



ts

Ts

3. Soma imigemo ikurikira.



tso

tsu

tse

tsa

tsi

4. Soma amagambo akurikira.



yasetse

gutsura

umutsima

umutsobe

umusatsi

umutsama

bisetsa

gutsuka

5. Soma interuro zikurikira.

a) Karamutsa yakomeretse ku gitsi.

b) Matsiko yariye umutsima.

c) Bisetsa arasetse Baributsa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Tubane mu mahoro



Kamatsiko yarimo kwahirira agakwavu ke.

Muri ako kanya Kamanutsi aramusagarira amutera ibikatsi. Kamatsiko yazamutse amusanga ngo amubaze ikibimuteye. Kamanutsi amubonye ariruka **aratsikira** anakomereka ku **gitsi**. Kamatsiko yegura Kamanutsi bakomeza kubana mu mahoro.

- a) Ni nde warimo kwahirira agakwavu ?
- b) Ni nde wasagariye undi?
- c) Kamanutsi yakomeretse he?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ts ts ts ts ts ts ts ts



Ts Ts Ts Ts Ts Ts Ts

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



umutsama-ibitotsi-matsiko

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Bisetsa agira amatsiko

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) muremure – umusatsi – Kamatsiko - afite.
- b) ku - Rutsobe - gitsi - yakomeretse.
- c) Gatsibo - i - atuye - Bisetsa.



# Igihekane nz/Nz

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nz**.



2. Erekana igihekane **nz/Nz**.



**nz**

**Nz**

3. Soma imigemo ikurikira.



nzo

nzu

nzi

nza

nze

4. Soma amagambo akurikira.



inzuzi

Gatsinzi

ikanzu

inzovu

inzererezi

umuhinzi

ikibanza

inzu

5. Soma interuro zikurikira.



a) Gatsinzi afite inzu nziza.

b) Muganza yabonye inzukira mu nzuri.

c) Nzaramba arasiza ikibanza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Manzi na Nziza



Manzi na Nziza batuye mu Karere ka Gatsibo.

Baba mu nzu nziza yisanzuye.

Imbere yayo hari **ikibanza** kinini gitsindagiye.

Manzi na Nziza bakiniramo na bagenzi babo.

Iyo bakina birinda **kwiyenza** babuza abandi amahoro.

a) Ni bande batuye mu karere ka Gatsibo?

b) Manzi na Nziza bakina na nde?

c) Manzi na Nziza birinda iki iyo bakina?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira



nz nz nz nz nz nz



Nz Nz Nz Nz Nz

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



inzuki-ikiganza-Nziza

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Nzaramba arahinga inzuzi.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) inzuki - akunda - Nzaramba - kureba.
- b) nziza - ya - ni - Manzi - Inzu.
- c) arasobanura - inzuzi - Nzirorera - ze.

# Imyitozo

1. Erekena amashusho arimo amajwi **ts/nz**.



2. Soma amagambo akurikira.



inzugi

inzego

inzozi

waramutse

kwitsamura

Mutsinzi

umutonzi

inzu

3. Soma interuro zikurikira



a) Kamatsiko yatsinze ibizamini.

b) Nziza atuye i Gatsibo

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) inziga - inzobe - Gatsinzi

b) Muganza afite ibitotsi

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono.



6. Toranya imigemo iri ku murungo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

a	i	nzu	ra	gi	ki	ba
tsi	a	ma	tsa	tso	ko	u
<b>kw</b> i	ku	<b>ts</b> a	bi	<b>mu</b>	i	<b>ra</b>
nza	i	ra	si	za	nzi	ga

Urugero: kwitsamura

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Inzukira zishotora inzovu



**Inzukira** cumi n’umunani zagiye gusaba inzuki **umutsama**.

Mu nzira zibona inzovu ifite ibitotsi, isinzira.

Ziyegera zisetsa zitangira kuyijomba inzara.

Inzovu iritsamura, izamura umutonzi, izibuza kuyisagarira.

Inzukira zireka gushotora inzovu, zikomeza urugendo.

a) Ni inzukira zingahe zagiye gusaba inzuki umutsama?

b) Ni iki inzukira zagiye gusaba inzuki?

c) Inzukira zabonye iki mu nzira?

d) Inzovu yabujije iki inzukira?

# Igihekane rw/Rw

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwirw.



Erekana kandi usome igihekanerw/Rw.



rw

Rw

3. Soma imigemo ikurikira.



rwe

rwu

rwa

rwo

rwi

4. Soma amagambo akurikira.



urwara

Muhirwa

urwondo

urwembe

urwego

urwuri

Rwaza

Urwiri

5. Soma interuro zikurikira.



- Umurerwa arwaje Muhirwa.
- Mukarwema arahinga ahari urwiri.
- Uru rwuri ni urwange.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Inzovu na Bakame



Bakame yagiye gushaka **urwiri** isasira amatungo.  
Igeze mu Kagari ka Rwesero irasitara yikubita mu rwobo.  
Inzovu ihanyuze ibona Bakame itabaza ibabaye.  
Yihutira kuzana urwego, itabara Bakame vubavuba.  
Bakame ishimira inzovu, iyigabira **urwuri**.

- Bakame yashakaga urwiri ikoresha iki?
- Bakame yasitaye igeze he?
- Inzovu yatabaye ite Bakame?
- Ni iki Bakame yagabiye inzovu?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



rw rw rw rw rw rw rw rw



Rw Rw Rw Rrw Rw Rw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



umurwayi-Rwezamenyo-kubarwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Kiriya kirwa gifite urwuri

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) agiye - Rwema - umurwayi - gusura.
- b) Muhirwa - runini - urwuri - afite.
- c) atuye - Rwaza - Umurerwa - i.



# Igihekane by/By

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **by**



2. Ereka kandi usome igihekanu **by/By**



by

By

3. Soma imigemo ikurikira.



byi

bye

byo

bya

bya

4. Soma amagambo akurikira.



umubyeyi

umubibyi

Byimana

ibyondo

ibiyoni

ibyatsi

ibyuya

ibyari

5. Soma interuro zikurikira.




a) Byiza akunda kubyina.

b) Byukusenge ni mubyara wange.

c) Uru rubyiruko rubyina neza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Inyamanza zifasha ibiyoni



Ibiyoni bine byashakaga ibyatsi byo kubaka **ibyari**.  
Haza umuyaga ukabije ugurukana ibyatsi byose.  
Ibiyoni byibaza aho bikura ibindi **birashoberwa**.  
Inyamanza enye zizana ibyatsi byazo zihaho ibiyoni.  
Ibiyoni bishimira inyamanza ubufasha zibihaye.

- Ibiyoni byashakaga ibyatsi byo gukora iki?
- Ni iki cyafashije ibiyoni kubona ibyatsi?
- Ibiyoni byakoreye iki inyamanza?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



by by by by by by by



By By By By By By

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kubyara-urubyiruko-Byiringiro

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Mubyeyi yabyaye umukobwa

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

a) Byiza - barabyina - na - Byiringiro.

b) na - bavuye - Byukusenge - mu - Byusa - Byimana.

c) we - Byiza - umwana - arakarabya.

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **rw/by**.



2. Soma amagambo akurikira.



urwabya

ibyondo

Nyabyenda

ibyuya

Rwanda

urwiri

Sabyinyo

urwego

3. Soma interuro zikurikira.



a) Muhirwa arabyinira umubyeyi we.

b) Urweso rwa Mubibyirwamenetse.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) urwara-ibyatsi-Rwaza

b) Muhiraw arwaje Byusa

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono.

umu

ibyo

ibi

ndo

korwa

byeyi

6. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

u	ku	ra	rwa	rwi	ri	bya
rwo	i	bya	byo	u	tsi	bo
bi	byi	rwa	za	na	ku	bya
i	byo	Rwa	za	na	ku	byi

Urugero: urwabya

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Bafashije Byukusenge



Umukecuru Byukusenge yari afite amatungo ashonje.

Imbuga ye na yo yari yuzuye **urwondo**.

Mu kiruhuko Umubyeyi na Rwasibo bagiye kumusura.

**Bahiriye** amatungo urwiri, bakura urwondo mu mbuga.

Byukusenge arabashimira abaha ibyibo bibiri byuzuye amatunda.

a) Amatungo ya Byukusenge yari ameze ate?

b) Ni iki Umubyeyi na Rwasibo bakoreye Byukusenge?

c) Ni iki Byukusenge yahaye Umubyeyi na Rwasibo?

# Igihekane nt/Nt

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nt**.



2. Ereka kandi usome igihe kane **nt/Nt**.



nt

Nt

3. Soma imigemo ikurikira.



nti

nto

nte

nta

ntu

4. Soma amagambo akurikira.



Ntaganda

intore

intimba

intege

intoki

intare

inturusu

intobo

5. Soma interuro zikurikira.



a) Sentama yantabaye intozi zanteye.

b) Ntaganda yateye intabire.

c) Nyirantore yakarabye intoki.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Intare yisubiyeho



Agakwavu kari mu **ntabire** kikinira gusama intobo.  
Intare iva mu **nturusu** inyanyagiza za ntobo.  
Agakwavu kararira. Intare izunguza intugu irigendera.  
Igeze imbere, isanga ikoze ibintu bibi iragaruka.  
Intare isaba imbabazi agakwavu, biriyunga bitangira gukina.

- Ni iki agakwavu kakoraga mu ntabire?
- Intare yaje ivuye he?
- Ni iki intare yakoze yibutse ko yakoze ibintu bibi?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



nt nt nt nt nt nt nt nt



Nt Nt Nt Nt Nt Nt

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Ntambara-intorezo-intare

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ntabyera aragiye intama

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) ku - yicaye – Nyirantore - ntebe.
- b) yoroye - Nyabyenda - intama.
- c) inturusu - aratera - Ntaganda.



# Igihekane mw/Mw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **mw**.



2. Ereka kandi usome igihekanu **mw/Mw**.



**mw**

**Mw**

3. Soma imigemo ikurikira.



mwu

mwe

mwa

mwi

ntumwo

4. Soma amagambo akurikira.



umwana

umwari

umwuka

umwete

umwiko

umwiko

Mwizerwa

umwobo

5. Soma interuro zikurikira.



a) Mukamwiza agira umwete.

b) Mwese mwirinde gusagarirana.

c) Uwamwezi afite umwaka umwe.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Uwamwezi asaba imbabazi



Uwamwezi na Ntabana bakuburaga ku ishuri. Uwamwezi akubita Ntabana umweyo amwanduriza umwambaro. Umwarimu asaba Uwamwezi gusaba Ntabana imbabazi. Uwamwezi yegera Ntabana amwizeza ko atazongera **kumwiyenzaho**. Bombi baramwenyura, **bunga ubumwe**, bakomeza gukora isuku.

- Ni bande barimo gukubura ku ishuri?
- Umwarimu yasabye iki Uwamwezi?
- Uwamwezi yijeje iki Ntabana?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.

 mw mw mw mw mw mw

 Mw Mw Mw Mw Mw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.

 umwitozo-Mwizerwa-intumwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.

 umwarimu adutoza kurwanya umwanda

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) umwanda - Mwese - mwirinde.
- b) mwarimu - Uyu - atumwe - na - mwana.
- c) bose - mwiza - na - Umwana - ashimwa.

# Imyitozo

1. Erekena amashusho arimo amajwi nt/mw.



2. Soma amagambo akurikira.



intorezo

umwe

umwiko

ubuntu

Nyirantore

umwenda

ikimwaro

intoki

3. Soma interuro zikurikira.



- a) Ntabyera yaguze umwenda mwiza.
- b) Munyantore arakosora umwitozo.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.




- a) umweyo-ibyatsi-intumwa
- b) Mukamwiza aratera intabire

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono

Umwa  
umwu  
umwa  
intu  
umuva  
inte  
into

rezo  
mikazi  
ka  
mwa  
be  
rimu  
ndimwe



6. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono

u	nda	mwi	mwa	mwe	yo	ko
i	ri	ntu	u	na	mwa	mu
nto	bi	ki	re	nta	i	zo
ru	ntu	u	nte	bu	be	re

Urugero: intumwa

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ntaganda



Ntaganda ni umwana ukunda amahoro.  
 Ni intangarugero mu guharanira amahoro.  
 Ntaganda aritonda ntakunda intonganya.  
 Agira **umwihariko** wo **kunga** abafitanye ibibazo.  
 Ntaganda ni umwana mwiza ushimwa na bose.

- Ni iki Ntaganda akunda?
- Ntaganda agira uwuhe mwihariko?
- Kuki Ntaganda ashimwa na bose?

# Isuzuma risoza umutwe wa mbere

1. Soma amagambo akurikira.



intorezo

umwe

umwiko

ubuntu

Nyirantore

umwenda

ikimwaro

intoki

2. Soma interuro zikurikira.



- a) Mubyara wa Muhirwa bamwogoshe umusatsi wose.  
b) Muganza akoresha umwiko ushaje.

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



- a) umweyo-ibyatsi-intumwa

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



- a) Mukarwema yubatse inzu nziza.  
b) Mukamwiza aratera intabire.

5. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo, unaryandike mu mukono.

i	ba	nza	ra	ki	ga
mu	mu	ndo	ra	byo	i
tsi	i	bya	ma	nta	mu
na	mwa	mwe	te	u	yo

Urugero: intama

6. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

a) wa - kabiri - mu - mwaka - Mwageze.

b) arareba - Gatsinzi - Ntaganda.

c) atuye - mu - Rwema - Byimana.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mahirwe ni umwana mwiza



Mahirwe agira umuco mwiza wo gufasha abandi.

Ababyeyi be bamutoza kwirinda inzangano ahantu hose.

Aho **ateshutse** asaba imbabazi.

Ntagira **inzika** kandiabera abandi urugero rwiza.

Mu masomo nta nzitizi agira, atsinda neza.

a) Ni uwuhe muco mwiza Mahirwe agira?

b) Ni iki ababyeyi ba Mahirwe bamutoza?

c) Aho Mahirwe ateshutse abigenza ate?

## Igihekane tw/Tw

1. Erekena amashusho arimo ijwi **tw**.



2. Erekena kandi usome igihekane **tw/Tw**.



tw

Tw

3. Soma imigemo ikurikira.



twe

twa

twu

two

twi

4. Soma amagambo akurikira.



intorezo

umwe

umwiko

ubuntu

Nyirantore

umwenda

ikimwaro

intoki

5. Soma interuro zikurikira.



a) Twahirwa araboha utwibo.

b) Twizere arasukura amatwi.

c) Gitwaza aramesa utwenda twe.



6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Twizere mu ishuri



Igihe kimwe Twizere yibagiwe **kwitwaza** ibikoresho byose. Bituma adakora umukoro umwarimu Sebatware yabahaye. Sebatware agira Twizere inama yo kutazongera kwibagirwa ibikoresho. Twizere yiyemeza kwirinda **uburangare**.

- Ni nde wibagiwe kwitwaza ibikoresho?
- Ni nde wagiriye Twizere inama?
- Twizere yiyemeje iki?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



tw tw tw tw tw tw tw



Tw Tw Tw Tw Tw Tw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira



Twizere-amatwi-ubutwali

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Twahirwa atwaye umutwaro

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

- a) twiza –Twagira- utwibo – afite.
- b) kwitwararika- atwigisha- Twahirwa.
- c) uraremereye - wa - Umutwaro - Twizere.

# Igihekane bw/Bw

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **bw**.



2. Erekana kandi usome igihekane **bw/Bw**.



**bw**

**Bw**

3. Soma imigemo ikurikira.



bwi

bwo

bwa

bwu

bwe

4. Soma amagambo akurikira.



ubwato

ubwuzu

ubunyobwa

ubwira

ubunebwe

ubwenge

Bwiza

ubwoba

5. Soma interuro zikurikira.


a) Bwiza agira ubwira.

b) Ubwato bwuzuye ubwatsi.

c) Bwanakweri aratoranya ubunyobwa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umwari agira ubwira



Umwari mu Murebwayire yahaye abanyeshuri be umwitozo. Basabwaga gushushanya ubwato ku rupapuro ruri mu ishusho y'urukiramende. Umwari ashushanya vuba **ubwato** bwiza butwaye abantu. Umwarimu ashimira Umwari **ubwira** yagaragaje. Ubwato bwe buba ubwa mbere ahabwa ibihembo.

- Ni uwuhe mwitozo umwarimu Murebwayire yatanze ?
- Umwari yashushanyije ku rupapuro rufite iyihe shusho?
- Kuki umwari yahawe ibihembo?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



bw bw bw bw bw bw bw



Bw Bw Bw Bw Bw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ubwiza-Bwenge-ubwoba

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Bwenge yaguze ubunyobwa

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.


- a) ubwira-umukobwa-ni- Bwiza-ugira.
- b) amatungo- ubwatsi- araha-Bwenge.
- c) azi - Uyu - ubwenge - mukobwa.

# Imyitozo


1. Erekana amashusho arimo amajwi **tw/bw**.





2. Soma amagambo akurikira.



3. Soma interuro zikurikira.

-  a) Twagira arahira ubwatsi.  
b) Bwiza yikoreye umutwaro.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.

-   a) utwibo-ubwoba-Twahirwa.  
b) Twizeye yaretse ubunebwe.

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono.

a) umu	bwayire
b) ubu	sobwa
c) Mure	nyobwa
d) muda	twi
e) ugu	twaro

An orange arrow points from 'umu' to 'twaro'.

6. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

a	to	bwe	ha	nge	u	bwa
twa	ro	a	u	ki	mu	ra
a	twu	ma	twe	mu	twi	u
ba	bwa	u	bwi	to	bwo	za

Urugero: umutwe

## Yaretse ubunebwe



Mu ishuri riri mu Mudugudu wa Bwiza higaga umwana witwa Twagira. Yari umunebwe, akitwara nabi mu masomo. Umwarimu wabo Twizeye yabahaga umukoro ntawukore. Akicara yubitse umutwe afashe amatwi. Umwarimu agahora amubwira kureka ubunebwe. Ubu Twagira ntakiri **umunebwe** asigaye agira **umwete**.

- Ishuri Twagira yigagamo ryari riherereye he?
- Ni nde wahoraga abwira Twagira kureka ubunebwe?
- Ni iki kigaragaza ko Twagira atakiri umunebwe?

# Igihekane cy/Cy

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **cy**



2. Erekena kandi usome igihekane **cy/Cy**.



cy

Cy

3. Soma imigemo ikurikira.



cyu

cyo

cya

4. Soma amagambo akurikira.



icyuma

icyorezo

Cyuzuzo

icyayi

icyuzi

Cyohoha

gucyocyora

icyumba

5. Soma interuro zikurikira.



a) Cyusa arasuka icyayi.

b) Cyuzuzo arasukura icyumba.

c) Mucyo yabaye icyamamare.



6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Icyumba cya Cyuzuzo



Cyuzuzo ntiyagiraga isuku mu cyumba ke.

Mucyo agahora **amucyocyora** ariko **anamucyaha**.

Cyuzuzo akamubaza icyakorwa ngo icyumba ke gike.

Amubwira kwitwara neza atajugunya ibikoresho mu cyumba.

Cyuzuzo yakurikije inama, none icyumba ke kirakeye.

a) Ni nde utaragiraga isuku mu cyumba ke?

b) Ni nde wahoraga acyocyora Cyuzuzo ?

c) Ni iyihe nama Mucyo yagiriye Cyuzuzo?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



cy cy cy cy cy cy cy cy cy



Cy Cy Cy Cy Cy Cy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigna amagambo akurikira.



umucyo-Cyohoha-icyanya

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Mucyo aratema icyarire

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

- a) icyondo-icyobo-kirimo.
- b) gifite-Cyusa-isuku-cya-icyumba.
- c) amafi - Iki - bacyororeramo - cyuzi.

# Igihekane ry/Ry

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi ry.



2. Ereka igihekane ry/Ry.



ry

Ry

3. Soma imigemo ikurikira.



ryo

rya

ryi

ryu

rye

4. Soma amagambo akurikira.



iryinyo

arye

Ryumugabe

uburyohe

umuryango

iryera

umurya

intoryi

5. Soma interuro zikurikira.


a) Ryumugabe arwaye iryinyo.

b) Ararya ibiryo birimo intoryi.

c) Karinamaryo yaryamiriye.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umuryango wa Buryohe



**Ivubi** Buryohe ryita ku muryango waryo.

**Ryatoje** abana baryo batatu kugirira isuku aho baba.

Ryabatoje kugira umwete wo kwita ku bikoresho.

Ryabatoje kandi kurira ibiryo ku masahani asukuye.

Iyo barangije kurya, basukura ibyo baririyeho.

a) Ni iki ivubi ryatoje abana baryo?

b) Ibikoresho abana ba Buryohe bariraho bimeze bite?

c) Ni iki umuryango wa Buryohe ukora urangije kurya?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ry ry ry ry ry ry ry ry ry



Ry Ry Ry Ry Ry

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Ryumugabe-iryinyo-ibiryo

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



iryinyo riri kumurya

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

a) Ryabega-utuye-i-wange-Umuryango.

b) arakaraga-umurya-Baryinyonza.

c) kuryama - Murye - muge - vuba.

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo amajwi **cy/ry**.



2. Soma amagambo akurikira.



icyarire

kuryoha

icyungo

uburyohe

Cyohoha

icyororo

umurya

uburyarya

3. Soma interuro zikurikira.



a) Ibiryo bitetse mu cyungo biraryoha.

b) Icyumba cya Ryamukuru kirimo umucyo.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) icyuma - iburyo - Ryumugabe

b) *Umuryango wange utuye hakurya ya Cyohoha.*

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, unaryandike mu mukono.

a) gu

herwa

b) umu

kere

c) kuryo

ryango

d) kurya

cyaha

e) icyo

mira

6. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

cya	i	ri	bu	re	cyo	zo
ku	cyu	ngo	ryo	ma	ha	i
u	mu	bu	ku	rya	ri	rya
i	ro	cyo	bu	ro	ryo	ne

Urugero: uburyarya

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Uturimo twa Cyusa



Cyusa **ntiyaryamiraga**, yabyukaga mu gitondo cya kare. Yakoraga isuku aho baririye akahasiga hakeye. Bukeye arwara iryinyo **riramurya** araryamira.

Abyutse asanga mushiki we Ryabera amukorera uturimo. Na we afata agatambaro ahanagura ameza.

a) Cyusa yabyukaga ryari?

b) Ni nde warwaye iryinyo?

c) Ni nde wakoreye Cyusa uturimo twa mu gitondo?

# Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

1. Soma amagambo akurikira.



Mutwarasibo

amabwiriza

atwaramo

gucyura

icyamamare

kuryama

iburyo

ubwoba

2. Soma interuro zikurikira.



a) Mutwarasibo atwaye ubwato.

b) Iki cyuzi kibamo amafi aryoha.

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



*utwuma - ubwato - umucyamo*

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



a) *Cyuzuzo yikoreye umutwara.*

b) *Mutwarasibo agiye kuryama.*

5. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo, unaryandike mu mukono.

cya	i	ri	cyu	re	zi	ne
ku	bu	a	rya	i	ryo	ma
mu	i	twa	u	twu	ro	ma
gu	ma	mi	cyu	i	ba	ra

Urugero: iburyo




6. Tondeka aya magambo ukore interuro unazandike mu mukono.

a) imitwaro - bwuzuye - Ubwato.

b) icyumba - Karyabwite - ke - arasukura.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yatsinze isuzuma



Mutwarasibo yigana n'abanyeshuri umunani. Igitondo kimwe Mutwarasibo yazindutse asukura mu rugo. Arangije, afata igikapu atwaramo ibikoresho bye. Ageze ku ishuri ahabwa **isuzuma** ryo gusoma. Mutwarasibo arikorana umwete yubahiriza **amabwiriza**. Abona amanota icumi ku icumi, ishuri ryose ararirusha.




a) Ni nde wazindutse asukura mu rugo?

b) Mutwarasibo ageze ku ishuri yahawe iki?

c) Mutwarasibo yabonye amanota angahe?

## Igihekane my/My

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **my**.



2. Erekana kandi usome igihekane **my/My**.



**my**

**My**

3. Soma imigemo ikurikira.



myi

myu

myo

mya

mye

4. Soma amagambo akurikira.



imyirongi

imyungu

imyobo

Myasiro

imyembe

imyaka

imiyereko

abakamyi

5. Soma interuro zikurikira.



a) Myasiro afite imyumbati.

b) Mukamyi ari mu myiyereko.

c) Iyi myambaro ni myiza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umusaza Myasiro



Umusaza Myasiro akunda abana cyane.

Akunda kwicarana na bo abavugiriza **umwirongi**.

Akabaha umwanya wo kwidagadura bagakora **imyiyeke**. Iyo imyidagaduro irangiye, abakamyi bazanira abana amata. Myasiro na we akabaha imyungu bakarya bishimye.

Barangiza buri wese akamuha imyembe itatu agataha anezerewe.

- Ni nde ukunda abana?
- Ni bande bazanira abana amata?
- Ni ibiki Myasiro aha abana?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanegikurikira.



my my my my my my my



My My My My My My

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagamboakurikira.



Myasiro - imyaka - imyumbati

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.





Afite imyaka makumyabiri.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

- a) imyuga – yiga - Myiyereko.
- b) ararya – Myato - imyembe.
- c) makumyabiri - myumbati - ni - lyi.

# Igihekane nk/Nk

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi nk.



2. Ereka kandi usome igihe kane nk/Nk.



nk

Nk

3. Soma imigemo ikurikira.



nki

nko

nka

nku

nke

4. Soma amagambo akurikira.



Kankindi

inkuru

Nkombo

inka

inkende

inkomyi

inkoko

inkono

5. Soma interuro zikurikira.



a) Nkuranga ashoreye inka.

b) Ayinkamiye yabonye inkende.

c) Kankindi aroza inkongoro.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yabatoje kuba intore



Kankindi aharanira ko abana bava mu **bwigunge**.

Abana bo mu Murenge wa Gikonko yarabatoje baba intore.

Baramamaye muri Gikonko no mu nkengero zayo.

Baherutse mu Murenge wa Nkombo bahamiriza **nta nkomyi**.

Bahatambukana umucyo bahabwa inka nziza.

Iyo nkuru yamamaye muri Gikonko na Nkombo.

a) Ni iki Kankindi aharanira?

b) Abana Kankindi yatoje baherutse guhamiriza he?

c) Ni iki bahawe nyuma yo guhamiriza?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nk nk nk nk nk nk nk



Nk Nk Nk Nk Nk

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



inkoko - inkunga - Nkuranga

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nkusi yoroye inkoko.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.


a) yikoreye - inkangara - Nkuranga.

b) zirororoka - Inkoko - cyane - za - Ayinkamiye.

c) inkende - Kankuyu - arareba .

# Imyitozo

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **my/nk**.



2. Soma amagambo akurikira.



imyase

inkuba

inkombe

imyanda

umukenke

imyenge

inkima

imyambaro

3. Soma interuro zikurikira.



a) Nkubana arakuraho imyanda.

b) Kankuyo yambaye imyambaro myiza.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) inkoko - imyungu - Mukankaka

b) Ayinkamiye arakuraho imyanda.

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono.

a) imyu

kenke

b) imi

mbati

c) inka

kamyi

d) aba

rora

e) inko

ngara



6. Toranya imigemo iri ku murungo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

i	mba	mya	ro	nda	ba	se
i	myu	ti	mye	mba	ryo	nge
nku	nko	i	nki	mbe	ba	ma
a	i	ba	nku	ko	ru	myi

Urugero: imyumbati

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Nkima yemerewe gukina



Rimwe Nkende yagiye kureba Nkima ngo bikinire.

Nkima arabyishimira, afata umupira ngo bagende.

Ababyeyi ba Nkima baramubuza ngo atanduzwa imyambaro.

Nkima ababwirako gukina bituma **bidagadura**.

Nkende yungamo ko gukina bituma **basabana**.

Ababyeyi ba Nkima bisubiraho, baramureka arakina.


a) Nkende yagiye kureba Nkima ngo bakore iki?

b) Kuki ababyeyi ba Nkima bari bamubujije gukina?

c) Nkima na Nkende bavuze ko imikino imara iki?

# Igihekane nj/Nj

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo **ijwi nj**.



2. Ereka kandi usome igihekane **nj/Nj**.



**nj**

**Nj**

3. Soma imigemo ikurikira.



nji

njo

nja

nju

nje

4. Soma amagambo akurikira.



Nganji

injugu

igikonjo

injanga

kujenjeka

injishi

uruhinja

Janja

5. Soma interuro zikurikira.




a) Nganji atetse injugu.

b) Uruhinja barurinda gukonja.

c) Izi njanga zirakonje.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yasubiye mu muryango



Nganji yavuye ku isoko mu Murenge wa Janja hakonje.

Asanga Nkuranga ku muhanda **ajunjamye** atitira.

Yakanjakanjaga **injanga** yatoraguye mu myanda.

Abwira Nganji ko yifuza kuva mu nzererezi.

Nganji amugeza i Janja ku buyobozi bumwegereye.

Uwita ku mibereho myiza amusubiza mu muryango.

a) Ni hehe Nganji yari avuye?

b) Nkuranga yabwiye Nganji ko yifuza iki?

c) Ni iki uwita ku mibereho myiza yakoreye Nkuranga?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



nj nj nj nj nj nj nj nj nj



Nj Nj Nj Nj Nj Nj

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



injonjori - injishi - Kanyanja

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



I Murinja haba injijuke.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro unazandike mu mukono.

- a) uruhinja - akikiye - Kanyanja.
- b) injanga - Yamubujije - gukanjakanja.
- c) irakonje - ya - Nganji - Inzu.

# Igihekane mv/Mv

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **mv**.



2. Ereka kandi usome igihe kane **mv/Mv**.



**mv**

**Mv**

3. Soma imigemo ikurikira.



mva

mvu

mve

mvo

mvi

4. Soma amagambo akurikira.



imvi

imvune

imvano

Mvejuru

umuvumu

Gishamvu

imvaruganda

imvura

5. Soma interuro zikurikira.



a) Samvura arafumbiza imvaruganda.

b) Mvejuru afite imvi.

c) Uyu muvumu ntavuga amahomvu.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Samvura yakiriwe mu muryango



Samvura yabaga mu kigo kirera abana mu Murenge wa Gishamvu. **Umuvumvu** Kanyanja amwakira mu muryango. Kanyanja amurera neza kandi amurinda imvune. Samvura na we amubera umwana mwiza wumvira. Yakundaga gufasha Kanyanja mu gihe **ahakura**. Akumva ashaka kuzaba umuvumvu nka Kanyanja.

- Umuvumvu Kanyanja yareraga ate Samvura?
- Samvura yabaga hehe?
- Samvura yifuzaga kuzaba iki?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mv mv mv mv mv mv mv



Mv Mv Mv Mv Mv

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kumva - Samvura - amahomvu

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.






Umuwumvu afite imvi.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro unazandike mu mukono.

- a) imvi - Uyu - afite - muwumvu.
- b) Imvaho - arasoma - Mvejuru.
- c) atinya - Samvura - imvubu.

# Imyitozo

1. Erekena kandi uvuge ishusho irimo ijwi nj/mv.



2. Soma amagambo akurikira.



Nyamvura

imvano

gushinja

imvubu

kujenjeka

Ribanje

imvura

umukunjo

3. Soma interuro zikurikira.



a) I Janja haguye imvura.

b) Ribanje ni umuvumvu.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) Nganji - imvange - kuminjira

b) Samvura avuye i Janja.

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo unaryandike mu mukono.

a) ku

kunja

b) kwi

ruganda

c) imva

njora

d) kujo

vumvu

e) umu

vunja



6. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

mva	ra	yu	no	bu	i	mvu
je	ku	nje	ri	te	ka	ba
u	gu	ru	shi	ja	nja	hi
u	mu	njo	mvu	ku	nja	vu

Urugero: kujenjeka

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umuryango wa Ribanje



Ribanje bamureze neza kuva ari uruhinja. Se Nkubana na nyina Nyamvura bamwitagaho cyane. Birinze kujenjeka mu kumurera bamuha uburere bwiza. Bamuguriraga imyambaro ifite amabara inyuranye. Yakundaga cyane umuhondo, umutuku, ubururu. Bamugaburiraga injanga. Bakamutozaga gukina imikino itandukanye. Ribanje yakuze yisanzuye, yumva yishimiye umuryango we.

- Ni nde bareze neza kuva akiri uruhinja?
- Ni ayahe mabara Ribanje yakundaga?
- Kuki Ribanje yakuze yishimiye umuryango we?

# Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

1. Soma amagambo akurikira.



imyiko

inkoko

injonjori

imvuzo

imvaho

imyembe

nanjoro

inkuba

2. Soma interuro zikurikira.



a) Umuvumvu arakunja ishati.

b) Imyiyereko yabereye ku Nkombo.

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



 imyiyereko - ivunja - Kankesha

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



 Umuvumvu Kankera atuye i Janja.

5. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

nko	ro	i	nka	ko	myi	ngo
ju	ku	nja	ri	nje	ma	ba
ba	si	Ri	nje	no	nje	no
ka	mva	myi	mu	u	vu	mvu

Urugero: inkongoro

6. Tondeka neza aya magambo ukore interuro unazandike mu mukono.

a) Murinja - imvura – Ayinkamiye - yugamye - i.

b) iboneye - Injijuke - imvugo - zikoresha.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Tubarere neza



Turere abana neza, tubumve kandi tubabe hafi.

Tubarerere mu muryango uzira **imvururu**, bakurane umutuzo.

Tworore inka babone amata, inkongoro ibahore hafi.

Tubatoze kumvira bose, bagire imyitwarire myiza.

Tubatere inkunga bagane ishuri kuko bazavamo **injijuke**.

Tubarinde kujunjama bigunze, tubareke bakine bidagadure.

a) Turerere abana mu muryango umeze ute ?

b) Kuki abana bagomba kugana ishuri?

c) Ni iki tugomba kurinda abana ?

## Igihekane mp/Mp

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi mp.



2. Erekana kandi usome igihekane mp/Mp.



mp

Mp

3. Soma imigemo ikurikira.



mpo

mpi

mpu

mpa

mpe

4. Soma amagambo akurikira.



impeke

impanuro

impinja

impongo

Nyampinga

impumu

impaka

imparage

5. Soma interuro zikurikira.



a) Mpano afite impapuro zo kwandikaho.

b) Nyampinga akunda impinja.

c) Kampire acururiza i Kampala.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kampire yirega



Kampire yaciye impapuro zimanitse mu ishuri ryabo. Zari zishushanyijeho impara, imparage, **impongo** na mpandeshatu. Kampire agira **impungenge** ko umwarimu amuhana. Umwarimu yinjiye, Kampire arirega, amwerekana impapuro yaciye. Yihutira gusaba imbabazi ko atazongera guca impapuro. Umwarimu aramubabarira, abibutsa amategeko yo mu ishuri.

- Mu ishuri hamantse impapuro zishushanyijeho iki?
- Kampire yakoze iki abonye umwarimu?
- Umwarimu amaze kubabarira Kampire, yibukije iki abanyeshuri?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



mp mp mp mp mp mp mp



Mp Mp Mp Mp Mp

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



impungenge - Kampeta - Mpumuje

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Kampire yampaye impano.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) yampaye - Mpano - impapuro.
- b) impumuro-indabo - Yampaye-zifite-nziza.
- c) impundu - aravuza - Nyampinga.

# Igihekane jy/Jy

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **jy**.



2. Ereka kandi usome igihekane **jy/Jy**.



**jy**

**Jy**

3. Soma imigemo ikurikira.



jyu

jya

jyo

4. Soma amagambo akurikira.



urujyo

umujoyanama

amajyora

Majyambere

umujoyojoyo

kujya

Bujyujyu

amajyaruguru

5. Soma interuro zikurikira.




a) Mujyambere ntajya akorerwa.

b) Umujyi wa Kigali ufite isuku.

c) Jyambere acuruza amajyora.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Majyambere ni intangarugero



Majyambere yiga mu **majyaruguru** ya Mpanga.

Yubahiriza amategeko yose yo ku ishuri.

Majyambere ntajya asiba ishuri kandi ntakererwa.

Ntajya asakuza akurikira neza mu ishuri.

Majyambere ntajya atinda mu nzira avuye kwiga.

Ubu bagenzi be bamutoreye kubabera **umujoyanama**.

a) Majyambere yiga he?

b) Ni iki Majyambere yubahiriza?

c) Abanyeshuri bigana na Majyambere bamutoreye kubabera iki?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



jy jy jy jy jy jy jy jy



Jy Jy Jy Jy Jy Jy Jy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Ntabajyana - umujyoyyo - amajyambere

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.





Majyambere arahingisha umujyoyyo.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) atuye - Mujyambere - majyaruguru - mu.
- b) umujyoyyo - yaguze - Jyambere.
- c) acuruza - Majyambere - amajyani.

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi mp/jy.



2. Soma amagambo akurikira.



imperekeza

Ntabajyana

ijyora

Mpumuje

kujya

Jyambere

impagarara

impumuro

3. Soma interuro zikurikira.



a) Nyampinga yabyaye impanga.

b) Mujyanama azajya mu majyaruguru.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) impamba - Mujyambere - imparage

b) Nzajya kureba imparage muri pariki.

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono.

a) impu

jyambere

b) imi

ka

c) impi

guke

d) impa

jyojyo

e) ama

nja


6. Toranya imigemo iri ku murungo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

mpa	ka	i	mba	pu	ro	nga
jyo	mpa	ra	jya	ku	i	na
u	ra	mu	i	jyo	ru	jyo
ra	i	mpo	ge	ngo	no	mpa

Urugero: impara

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umuyobozi ukwiriye





Byari ibyishimo twiga mu mwaka wa kabiri i Bujujyu. Ubwo twayoborwaga na Nyampinga mu ishuri ryacu. Nyampinga yabaye intangarugero kurusha abandi banyeshuri batuyoboye. Ntiyajyaga aturenganya, ahubwo yakundaga kuduha **impanuro**. Buri gihe twajyaga inama twibukiranya amategeko twahawe. Twamukundiye cyane ko atajyaga **aduhutaza**, tumuha impano.

- Nyampinga yigaga mu mwaka wa kangahe?
- Ni iki Nyampinga yakundaga guha abanyeshuri bigana?
- Ni iki abanyeshuri bigana na Nyampinga bamuhaye?

# Igihekane pf/Pf

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **pf**.



2. Erekena kandi usome igihekane **pf/Pf**.



pf

Pf

3. Soma imigemo ikurikira.



pfa

pfe

pfu

pfi

pfo

4. Soma amagambo akurikira.



ipfupfu

ikinyabupfura

igipfuko

azapfe

amapfa

ipfundo

Gapfizi

gupfobya

5. Soma interuro zikurikira.



a) Gapfizi ni umwana ufite ikinyabupfura.

b) Apfe gupfundika uwo mugozi.

c) Mupfasoni arapfundura isafuriya.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Bupfura na Gapfizi



Bupfura na Gapfizi babonye ikimasa cy'umukara gifite ipfupfu. Gapfizi abwira Bupfura ngo bagikore ku ipfupfu. Bagiye kugikoraho kirikanga gica ikiziriko kiravuduka. Bagira ubwoba baja kwipfunda mu gikoni. Nyina Kampire ahageze ababaza aho ikimasa cyagiye. Bavuga mu kinyabupfura ko batumye gica ikiziriko.

- Ni bande babonye ikimasa gifite ipfupfu?
- Ikimasa gifite ipfupfu cyasaga gite?
- Ni nde wabajije Bupfura na Gapfizi aho ikimasa cyagiye?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



pf pf pf pf pf pf pf pf



Pf Pf Pf Pf Pf Pf Pf

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ipfupfu - Pfunda - gupfundura

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Gapfizi agira ikinyabupfura.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) ibiribwa-Pfundikira- isazi- bitajyaho.
- b) ipfupfu- kimasa - Iki - gifite - rinini.
- c) arapfundika-Upfuyisoni-umugozi.

# Igihekane zw/Zw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **zw**.



2. Ereka kandi usome igihekane **zw/Zw**.



**zw**

**Zw**

3. Soma imigemo ikurikira.



zwi

zwa

zwe

4. Soma amagambo akurikira.



arazwi

guhozwa

ahazwe

kubazwa

Nisingizwe

gukuzwa

kuvuzwa

gutizwa

5. Soma interuro zikurikira.




a) Ikuzwe arabazwa na Hozwa.

b) Mukiza arabazwa Ikinyarwanda.

c) Nisingizwe atozwa ikinyabupfura.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ikinyabupfura mu ishuri



Umwarimu Nisingizwe atoya abanyeshuri gutuza mu **isuzuma**.  
Igihe kimwe, Ikuzwe yifuje gutizwa ikaramu.

**Yongorera** Hozwa, umwarimu aba yababonye.

Ababaza ibyo bavuga mu gihe cyo kubazwa.

Ikuzwe asubiza mu kinyabupfura ko yatiraga ikaramu.

Umwarimu Nisingizwe aramubabarira, amutiza ikaramu.

- Ni nde utoza abanyeshuri gutuza mu isuzuma?
- Ni iki Ikuzwe yifuje gutizwa?
- Ni nde wavuganye na Ikuzwe bari mu isuzuma?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ZW ZW ZW ZW ZW ZW ZW ZW



Zw Zw Zw Zw Zw Zw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Nikuzwe - kunezezwa - birazwi

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




*Ikuzwe aratizwa ikaramu na Hoziwa.*

10. Tondeka aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

- a) na - arahozwa - nyina - lkuzwe.
- b) kuvugana - isuzuma - Mu - tubuzwa.
- c) ejo - azavuzwa - Nisingizwe.

# Imyitozo

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **pf/zw**.



2. Soma amagambo akurikira.



gupfukama

harazwi

Gapfupfu

gutitizwa

igipfuko

gukizwa

kuragizwa

gupfundika

3. Soma interuro zikurikira.



a) Gapfupfu arapfundikiza umupfundikizo.

b) Abana batozwe gusoma.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) *ipfundo - kunezezwa - gutizwa.*

b) Mukizwa agira ikinyabupfura.

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike mu mukono.

a) gupfu

bazwa

b) igi

kazwa

c) kura

pfuko

d) kuba

kama

6. Toranya imigemo iri ku murungo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

gu	ti	ki	ti	bu	tu	zwa
pfu	i	ka	pfu	gu	ndo	na
zwa	ba	i	ndo	ku	gu	ndu
ba	i	tu	ma	zwa	i	pfa

Urugero: ipfupfu

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

### Gapfupfu yemera ikosa





Gapfupfu yabonye ibiryo bibirira mu ziko arabipfundura. Anezezwa no kwikinira, yibagirwa ko atongeye gupfundikira. Se ahageze atangazwa no kubona inkono ipfunduye. Amuhamagaye, Gapfupfu atangira kurangaguzwa afite ubwoba. Araza yegera se, apfukama ataragira icyo abazwa. Gapfupfu yemera ko yagize uburangare, se aramubabarira.

- Ni nde wapfunduye ibiryo ?
- Ni nde wasanze inkono idapfundikiye?
- Gapfupfu ageze imbere ya se yakoze iki?

# Igihekane nw/Nw

1. Erekanu kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nw**.



2. Erekanu kandi usome igihekane **nw/Nw**.



**nw**

**Nw**

3. Soma imigemo ikurikira.



nwi

nwa

nwe

4. Soma amagambo akurikira.



Umuganwa

ubwanwa

amasiganwa

ibinwete

kunwigira

guhanwa

iminwa

amamininwa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Umuganwa yitabiriye amasiganwa.

b) Mudaheranwa aroza mu kanwa.

c) Rusanganwa arogosha ubwanwa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Tuvugishe ukuri



Muganwa yavuye ku ishuri apfutse umunwa. Asanga se Mudaheranwa aha inka **amamininwa**. Amubaza yishima mu bwanwa impamvu apfutse umunwa. Muganwa amusubiza ko yakomeretse ku munwa asiganwa. Mudaheranwa amubaza niba avugisha ukuri koko. Muganwa **aramwara** avugisha ukuri ko yakomeretse akubagana.

- Ni nde wavuye ku ishuri apfutse umunwa?
- Muganwa yasanze Mudaheranwa akora iki?
- Muganwa yakomeretse akora iki?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



nw nw nw nw nw nw nw



Nw Nw Nw Nw Nw Nw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ibinwete - Umuganwa - ubwanwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Mudaheranwa afit ubwanwa.

10. Tondeka aya magambo ukore interuro unazandike mu mukono.

- a) Muganwa - amamininwa - arasuka.
- b) masiganwa – Sebageanwa- mu- agiye.
- c) yahanwe - Kuzwa - na - Muganwa.

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi nw.



2. Soma amagambo akurikira.



kunwigira

Umuganwa

ubwanwa

iminwa

amasiganwa

kubonwa

ipfunwe

amamininwa

3. Soma interuro zikurikira.



a) Mpano arasuka amamininwa.

b) Nikuzwe yahanwe na Muganwa.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



a) Muganwa - iminwa - guhanwa

b) Nikuzwe arimo kunwigira.

5. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, unaryandike mu mukono.

a) gu

b) kunwi

c) u

d) ama

mininwa

gira

hanwa

bwanwa

6. Toranya imigemo iri ku murungo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

u	gu	bwa	ha	ka	nwa	na
i	mu	pfu	mi	nwe	tsi	nwa
ku	i	nwi	pfu	gi	ko	ra
a	mi	ki	ma	zwa	nwa	ni

Urugero: amamininwa

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mukizwa na Gapfizi



Mukizwa na Gapfizi bafashe umugozi bajya gukina. Bawupfundika ku giti batangira kwicunda bumva umunyenga. Mukizwa arahamuka yikubita hasi akomereka ku kananwa. Bageze iwabo bababaza icyo yabaye **barya iminwa**. Nyuma bavuga ko yahanutse mu giti bicunda. Nyina amusigiraho umuti, azana **igipfuko** cy'umweru aramupfuka.

- Mukizwa na Gapfizi bapfunditse umugozi ku ki?
- Ni nde wahanutse mu giti?
- Nyina wa Mukizwa yamukoreye iki?



# Isuzuma risoza umutwe wa kane

1. Soma amagambo akurikira.



gupfuka

kugeragezwa

impapuro

gutereranwa

Nyampinga

amajyora

gupfukiranwa

gupfundika

2. Soma interuro zikurikira.



- Mbabazwa no kubona abana batiga.
- Kwita ku bidukikije byaturinda amapfa.
- Amajyambere azanwa no gukora.

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



impapuro - Muganwa - amapfa

a) Nyampinga aharanira amajyambere.

b) Intebe yakozwe na Rusanganwa.

4. Toranya imigemo iri ku murongo utambitse ukore ijambo unaryandike mu mukono.

gu	i	mpa	pfu	mvu	nwe	ka
u	ka	mu	na	pfa	nwa	pfa
gu	ku	ho	i	mpo	zwa	ngo
a	nta	ma	mbe	jya	i	re

Urugero: guhozwa

5. Tondeka neza aya magambo ukore interuro uzandike mu mukono.

a) kare -ikinyabupfura- hakiri - batozwa - Abana.

b) kananwa-Ubwanwa- ku-bumera.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Akamaro ko kuvugisha ukuri



Mpano ahora atubwira akamaro ko kuvugisha ukuri. Atubwira ko kuvugisha ukuri ari ubupfura bukenewe. Bituma umuntu atarya iminwa, bikamurinda ipfunwe. Ukuri kujyana no kutaba umupfapfa, ukavuga ibikwiye. Ukuri kurinda umuntu kujya impaka adafitiye impamvu. Abana batozwe kuvugisha ukuri aho bari hose.


a) Ni nde utubwira akamaro ko kuvugisha ukuri?

b) Mpano atubwira ko ukuri kurinda umuntu iki?

c) Abana bakwiye gutozwa iki?

## Igihekane ns/Ns

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi ns.



2. Ereka kandi usome igihekane ns/Ns.



ns

Ns

3. Soma imigemo ikurikira.



nsa

nsu

nse

nsi

nso

4. Soma amagambo akurikira.



insina

insenda

Niyonsaba

Kansinga

nsukure

yansomeye

igipfunsi

konsa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Mukansanga agiye i Kansi.

b) Nsoro yateye insina.

c) Niyonsaba yansomeye insenda.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Icyumba cya Kansinga



Niyonsaba yagiye i Kansi gusura Kansinga.

Bajya mu cyumba baraganira.

Kansinga **amwakiriza** imineke bejeje ku nsina zabo.

Niyonsaba abona icyumba cya Kansinga kirimo isuku.

Amubaza icyo akora ngo icyumba gise neza.

Amusobanurira ko buri muni ahasukura, **agatondeka** ibintu.

Niyonsaba yiyemeza kujya asukura icyumba buri muni.

a) Ni iki Kansinga yakirije Niyonsaba?

b) Kansinga akora iki ngo icyumba ke gise neza?

c) Ni iki Niyonsaba yiyemeje?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ns ns ns ns ns ns ns ns



Ns Ns Ns Ns Ns Ns Ns

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Nsabimana - umunsi - icyansi

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Niyonsaba yansukuriye icyumba.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane ns ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Uyu ..... twagiye ku ishuri.
- b) Igitoki kera ku .....
- c) Uyu mubyeyi ..... umwana we.

# Igihekane mby/Mby

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **mby**.



2. Ereka kandi usome igihekane **mby/Mby**.



**mby**

**Mby**

3. Soma imigemo ikurikira.



mbyi

mbyo

mbya

mbyu

mbye

4. Soma amagambo akurikira.



imbyino

yarembye

Kanyombya

mbyongere

umuririmbyi

kurumbya

Mbyeyi

mbyuke

5. Soma interuro zikurikira.



a) Kanyombya yahimbye imbyino nziza.

b) Mbyayingabo arahanagura imbyeyi.

c) Mbyuka nkaraba ngo ntagira imbyiro.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kanyombya na Mbyayingabo



Kanyombya ni umuririmbyi uzwi mu Kagari ka Mbyo. Buri muni ahimba indirimbo zerekeye isuku. Yasuye Mbyayingabo utuye mu Mudugudu wa Nsoro asanga yarembye. Ajya aho aryamye abona inkuta zahindutse umukara kubera imbyiro. Kanyombya ahita aririmba ko umwanda urembya abantu. Arangije, asukurira Mbyayingabo igitanda no muni yacyo. Mbyayingabo amwizeza ko nakira azajya asukura icyumba.

- Kanyombya ni umuririmbyi uzwi he?
- Ni hehe Kanyombya yasukuye?
- Ni iki Mbyayingabo azajya akora nakira?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mby mby mby mby mby mby



Mby Mby Mby Mby Mby

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



imbyiro - Mbyeyi - imbyino

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Kanyombya arakama imbyeyi.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **mby**, ukore interuro, unayandike mu mukono.

- a) Umuririmbyi.....neza.
- b) Arakuba ..... ku isafuriya.
- c) Reka ..... nge ku ishuri ntakererwa.



# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **ns/mby**.



2. Soma amagambo akurikira.



insenda

Mukansoro

konsa

mbyuke

guhombya

imbyiro

inseko

bambyiniye

3. Soma interuro zikurikira.



a) Imbyeyi ironsa akanyana.

b) Mukansonera yarimbye.

4. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

a) ziryana - Insenda - kanwa - mu.

b) zimbyutsa-Inyombya-gitondo-buri.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane ns/mby muri iki kinyatuzu, uyandike mu mukono.

b	i	m	b	y	u	k	e	k	r
o	m	b	y	a	n	i	k	e	k
i	b	u	g	u	i	u	r	k	i
u	y	i	n	s	e	o	d	o	m
t	i	h	y	g	s	k	c	n	b
i	n	s	e	n	d	a	b	s	y
a	o	t	a	d	c	j	f	a	i
d	z	k	s	d	e	g	t	y	r
c	u	e	t	i	n	s	e	k	o
m	n	s	a	s	i	r	a	i	r

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Nsoro arahaguruka arayibyina. Mukambyeyi biramushimisha cyane. Mukambyeyi yateye imbyino.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mukansoro agira isuku



Mukansoro atuye mu Mudugudu wa Kanserege. Buri minsi asukura aho arara. Abyuka mu gitondo kare **inyombya** ziririmba, abashumba bakama **imbyeyi**. Agakingura icyumba ke ngo kinjiremo umwuka mwiza. Asasura ibyo yarayeho, agahita asukura icyumba cyose. Akoresha amazi neza ngo atayasesagura agahombya ababyeyi. Ibyo araramo abimesa mu minsi itatu kuko biba byanduye.

- Kuki Mukansoro akingura icyumba ke?
- Ni ukubera iki Mukansoro akoresha amazi neza?
- Kuki Mukansoro amesa ibyo yarayemo mu minsi itatu?

# Igihekane shy/Shy

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi shy/Shy.



2. Erekana kandi usome igihekane shy/Shy.



shy

Shy

3. Soma imigemo ikurikira.



shyi

shyo

shya

shyu

shye

4. Soma amagambo akurikira.



ubushyuhe

amadirishya

ibishyimbo

ishyo

Mukashyaka

amashyi

Gashyantare

ishyamba

5. Soma interuro zikurikira.



a) Niyonsaba akaraba amazi ashyushye.

b) Bashyitsi yakubye imbyiro ku isafuriya.

c) Mukashyaka atuye i Shyorongi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umwuka mwiza



Muri **Gashyantare** Shyaka yagiye mu cyumba cya Bashyitsi. Akinjiramo atangira kwitsamura no gukorora cyane. Arebye abona amadirishya yose arafunze. Asobanurira Bashyitsi akamaro ko gufungura amadirishya. Amubwira ko kuyafungura bituma ubushyuhe **bugabanuka**. Barayafungura hinjiramo umwuka mwiza. Bashyitsi yiyemeza kuzajya afungura amadirishya buri gitondo.

- Shyaka yagiye mu cyumba cya Bashyitsi ryari?
- Shyaka yabwiye Bashyitsi ko gufungura amadirishya bimaze iki?
- Bashyitsi azajya afungura amadirishya ryari?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



shy shy shy shy shy shy shy



S hy S hy S hy S hy S hy S hy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ibishyimbo - ishyo - S hyirakera

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



S hyirambere arashyushya amazi.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane shy, ukore interuro, uyandike mu mukono.


a) Mukashyaka.....ibishyimbo ku isahani.

b) Umuyobozi bamukomeye .....

c) Aba bana barasarura .....

# Igihekane nsh/Nsh

1. Ereka kandi uvuye izina ry'ishusho irimo ijwi **nsh**.



2. Ereka kandi usome igihekane **nsh/Nsh**.



**nsh**

**Nsh**

3. Soma imigemo ikurikira.



nsho

nshi

nshu

nshe

nsha

4. Soma amagambo akurikira.



inshundura

inshuro

Nshuti

inshinge

nshobora

Nshimiye

inshira

benshi

5. Soma interuro zikurikira.




a) Nshimiye asukura amadirishya buri muni.

b) Mukashyaka afite inshuti nyinshi.

c) Nshizirungu araganira na Nshongore.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Tugire isuku



Nshuti na Nshizirungu biga i Runyombyi.  
Akenshi na kenshi umwarimu wabo **agenzura** isuku.  
Uyu muni habonetse abana benshi batogeje amenyo.  
Ababwira kujya bayoza inshuro eshatu ku muni.  
Yabasabye no kujya baca inzara kenshi ngo zidakura.  
Nshuti yanditse ibyo bababwiye mu **nshamake**.  
Ageze mu rugo abiganiriza inshuti ye Shyirambere.

- Ni nde ugenzura isuku?
- Umwarimu yababwiye kujya boza amenyo inshuro zingaha?
- Ni nde wanditse ibyo bababwiye mu nshamake?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nsh nsh nsh nsh nsh nsh nsh



Nsh Nsh Nsh Nsh Nsh Nsh

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



inshuke - Nshongore - inshuti

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nshizirungu arigisha Nshimiye.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nsh**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Yaguze zo kudoda.
- b) Aba bakobwa babyina bambaye .....
- c) Nshimiye ni yange.



# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **shy/nsh**.



2. Soma amagambo akurikira.



inshamake

ishyamba

inshuke

ishyiga

gushya

inshuti

gushyingira

inshira

3. Soma interuro zikurikira.



a) Nshuti avuye mu ishyamba.

b) Nshunguyinka arasukura idirishya.

4. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

a) amazi-Kanyombya-ashyuhije.

b) Gatesi-Insharwatsi-yarumye.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **shy/nsh** muri iki kinyatuzu, uyandike mu mukono.

i	n	s	h	i	n	g	e	i	u
b	i	z	a	y	u	i	o	d	a
i	u	n	i	u	r	y	e	i	m
s	i	n	s	h	u	k	e	r	a
h	i	s	h	y	a	k	a	i	s
y	d	f	y	v	u	g	h	s	h
i	s	x	a	i	o	t	t	h	y
m	d	r	m	h	k	l	i	y	i
b	a	d	b	w	r	t	r	a	k
o	s	h	a	u	i	s	h	a	w

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana.

Mukashyaka na Nshongore bararya inanasi.

Mukashyaka arasukura inanasi.

Nshongore arahata inanasi.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Nshuti mu gikoni



Mu gitondo, Nshuti akaraba amazi ashyushye.

Umunsi umwe, nyina yagiye kuyashyushya asanga ikibiriti cyashize. Yihutira kukigura ku mucuruzi Kanyombya ubegereye. Akizanye arasa **imyambi** ikenda yose umuriro wanga kwaka. Nshuti yibaza uko abona amazi ashyushye yo gukaraba. Agize amahirwe arashe undi umwe umuriro uraka. Nyina ashyushya amazi **bwangu**. Nshuti akaraba vubavuba ajya ku ishuri.


a) Nshuti akaraba amazi ameze ate?

b) Ikibiriti bakiguze kwa nde?

c) Umuriro watse nyina wa nshuti arashe imyambi ingahe?

# Igihekane gw/Gw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi gw.



2. Ereka kandi usome igihe kane gw/Gw.



gw

Gw

3. Soma imigemo ikurikira.



gwi

gwa

gwe

4. Soma amagambo akurikira.



ubugwari

Mugwiza

Mugwaneza

urugwiro

umugwegwe

kuvugwa

gusigwa

kugwa

5. Soma interuro zikurikira.




a) Mugwaneza arasigwa amavuta.

b) Rugwiro agwa neza.

c) Rugwiza si ikigwari.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Isuku ni ingenzi



Mugwiza na Mugwaneza batuye mu Bigogwe.

Abana babo Rugwiro na Simbi ni impanga.

Buri muni babyuka buhira **umugwegwe** bitereye.

Barangiza bagakaraba umubiri wose bakajya kwiga barimbye.

Ku ishuri birinda ubugwari bagahorana ubugwaneza.

Bava kwiga ababyeyi bakabakirana **urugwiro** rwinshi.

Bakaraba intoki amazi meza mbere yo kurya.

a) Ni iki Rugwiro na Simbi babyuka bakora?

b) Ku ishuri Rugwiro na Simbi birinda iki?

c) Rugwiro na Simbi bakora iki mbere yo kurya?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



gw gw gw gw gw gw gw



gw gw gw gw gw gw gw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Rugwiro - amagweja - umugwegwe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Gwiza arasarura imigwegwe.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane gw, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Imvura.....tuzatera imyaka.
- b) Kabagwira yabakiranye.....
- c) Uyu mwana.....amavuta.

# Igihekane jw/Jw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **jw**.



2. Ereka kandi usome igihekane **jw/Jw**.



**jw**

**Jw**

3. Soma imigemo ikurikira.



**jwi**

**jwa**

**jwe**

4. Soma amagambo akurikira.



**ijwi**

**kujwigira**

**ibabajwe**

**amajwi**

**ikijwangajwanga**

**inyajwi**

**tunejejwe**

**Kajwiga**

5. Soma interuro zikurikira.



a) Gwaneza afite ijwi ryiza.

b) Nshuti arareba ikijwangajwanga

c) Mugwiza arasoma inyajwi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Imbeba Bujwiri



Imbeba Bujwiri ituye ku kirwa kitwa Ijwi yatashye irembye. Igeze mu rugo yumva abana batajwigira.

Iricara irajwigira **ishavujwe** no kubura abana bayo.

Bari bagiye gusura umuturanyi wabo Kajwiga.

Kajwiga ibonye basa nabi irabuhagira ibambika neza.

Abana bumvise amajwi ya nyina **baturumbuka** bayisanga.

Bujwiri yanejeje no kubona abana bayo bakeye.

a) Imbeba Bujwiri ituye hehe?

b) Ni iki cyatumye imbeba Bujwiri ijwigira?

c) Ni iki cyanejeje Bujwiri?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



jw jw jw jw jw jw jw jw jw



Jw Jw Jw Jw Jw Jw Jw Jw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kujwigira - inyajwi - ijwi

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



*Bujwiri afite insakazamajwi.*



10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **jw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Bujwiri aririmba.....ryiza.
- b) Imbeba.....mu mwobo.
- c) Aba bana barasoma .....



# Imyitozo

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **gw/jw**.



2. Soma amagambo akurikira.



urugwiro

Bujwiri

Gwiza

yarakajwe

yoherejwe

kugwa

umugwegwe

ubugwaneza

3. Soma interuro zikurikira.



Mugwaneza afite ijwi riranguruye.

Nshongore yasimbutse aragwa.

4. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzisome uzandike mu mukono.



a) Gwiza - ijwi - afite - ryiza

b) Akabeba - mu - karajwigirira - mwobo

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **gw** na **jw** muri iki kinyatuzu, uyandike mu mukono.

w	r	t	y	i	k	u	g	w	a
y	u	f	g	y	u	M	a	i	k
a	m	a	j	w	i	u	d	h	a
r	u	r	s	f	g	g	z	j	K
a	g	t	e	z	a	w	s	k	a
k	w	y	f	s	w	a	r	l	j
a	e	u	g	d	c	n	y	w	w
j	g	u	h	f	v	e	u	e	i
w	w	i	j	y	r	z	f	c	g
e	e	i	j	w	i	a	i	r	a

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Ikijwangajwanga kirarira amagi.

Ikijwangajwanga gitera amagi mu cyari.

Ikijwangajwanga cyaritse mu giti.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Duhorane isuku



Uwizihijwe yagiye mu marushanwa yo kubyina mu Bigogwe.

Mbere yo gutangira amarushanwa bareba niba bisukuye.

Bageze kuri Uwizihijwe basanga, afite **imbyiro**.

Bamubwira ko atabyinira abantu atisukuye.

Ajya iwabo wa Kuzwa utuye hafi aho, arisukura.

Agaruka akeye bamwemerera kurushanwa.

Avuga ko atazongera **kujijwa** ko azajya ahora yisukuye.

a) Amarushanwa yo kubyina yabereye he?

b) Ni iki barebaga mbere yo gutangira amarushanwa?

c) Uwizihijwe amaze kwisukura byagenze bite?

# Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

1. Soma amagambo akurikira.



ishyamba

imigwegwe

ikijwangajwanga

inshuro

inshunda

inseko

imbyeyi

urusamagwe

2. Soma interuro zikurikira.



Nshimiye arashushanya urusamagwe.

Munyeshyaka yateye imigwegwe myinshi.

3. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



a) Ibishyimbo bya Mugwaneza byararumbye.

b) Nshimiye aratera insina.

c) Nshimiye yaboshye agaseke mu migwegwe.

4. Shaka amagambo arimo ibihokane **ns, mby, shy, nsh, gw, jw** muri iki kinyatuzu, uyandike mu mukono.

t	u	i	i	n	s	i	n	a	i
u	r	g	s	g	o	n	a	i	m
i	u	u	h	c	i	s	w	m	b
o	s	o	y	u	k	h	z	b	y
d	a	m	a	j	w	i	y	y	i
f	m	h	k	s	f	r	e	i	n
g	a	i	a	u	y	a	z	r	o
h	g	w	i	z	a	e	t	o	u
y	w	b	a	j	i	j	w	e	p
b	e	n	s	h	i	s	h	y	o

5. Uzurisha izi nteruro amagambo arimo ibihokane **shy, gw,**  
**jw** ukore interuro unazandike mu mukono.

- a) Simbyuka imvura irimo.....
- b) Nshongore arakaraba amazi .....
- c) Nsabimana aririmba.....rya mbere.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Inama nziza




Mugwiza na Mukambyeyi ni abana bagira **ishyaka**.  
Bahora **bashishikajwe** no gusukura iwabo mu rugo.  
Buri muni iyo babyutse batunganya uburiri bwabo.  
Bafungura amadirishya, mu nzu hakinjira umwuka mwiza.  
Bamesa kenshi ibyo bararamo, bakabyanika ku zuba.  
Ubu babaye intangarugero, isuku yabo ivugwa hose.  
Inshuti zabo zibigiraho byinshi.

- a) Ni iki gihora gishishikaje Mugwiza na Mukambyeyi?
- b) Kuki Mugwiza na Mukambyeyi bafungura amadirishya?
- c) Mugwiza na Mukambyeyi banika he ibyo bameshe?

## Igihekane nny/Nny

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nny**.



2. Ereka kandi usome igihekane **nny/Nny**.



nny

Nny

3. Soma imigemo ikurikira.



nnyu

nnyo

nnya

nnye

nnyi

4. Soma amagambo akurikira.



Mukannyi

kunnyigira

ikinnyeteri

kunnyega

ababyinnyi

kunnyuzura

ubunnyano

ikinnyogorero

5. Soma interuro zikurikira.




a) Kwa Sebakannyi bararya ubunnyano.

b) Aba bakinnyi batozwa na Mukannyi.

c) Ababyinnyi batubyiniye neza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kurya ubunnyano



Mukannyi yita umwana izina, yagaragaje ko adakennyeye. Yabyutse mu museso yitegura kwita umwana izina atumira abaturanyi. Abasaba kuzana abana bato kurya ubunnyano. Bahageze arabakira, barya **ubunnyano**, bita umwana izina. Mukannyi abwira abana kuririmba **batannyigira**, abafata amashusho. Hanyuma ayabereka hifashishijwe porojegiteri, batangarira ikoranabuhanga rigezweho.

- Mukannyi yita umwana izina yagaragaje iki?
- Mukannyi yerekanye amashusho yifashishije iki?
- Ni iki cyatangaje abari bitabiriye kurya ubunnyano?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nny nny nny nny nny nny



Nny Nny Nny Nny Nny

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Sebakannyi - umubyinnyi - kunnyega

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Mukannyi aririmba atannyigira.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nny**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Aba.....babyina neza.
- b) Twita umwana wacu izina twariye.....
- c) Uyu..... akina neza.

# Igihekane nyw/Nyw

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nyw**.



2. Erekena kandi usome igihekane **nyw/Nyw**.



**nyw**

**Nyw**

3. Soma imigemo ikurikira.



nywi

nywa

nywe

nywu

nywo

4. Soma amagambo akurikira.



nywubake

Kanywanyi

kunyweshya

umunywi

kunywana

nywogoshe

nywotse

nywukine

5. Soma interuro zikurikira.



a) Semanywa aranyweshya igikombe.


b) Rwamanywa arogozisha Kanywabahizi.

c) Kanywanyi aranywa amazi.



6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kanywanyi mu rwogoshero



Hari ku manywa, Kanywanyi ajya kwiyogoshesha. Ahitamo **urwogoshero** rwa Nyiramanywa kuko atari **ikinnyeteri**. Ahageze ahabona igikoresho gishyushya kikanakonjesha amazi. Aragitangarira, ahita asaba Nyiramanywa amazi yo kunywa. Nyiramanywa amwerekaga udukombe two kunywesha amazi. Kanywanyi avoma amazi akonje aranywa biramunzezeza. Baramwogoshaga arataha.

- Kanywanyi yagiye kwiyogoshesha ryari?
- Ni iki cyatangaje Kanywanyi?
- Amazi Kanywanyi yavomye yari ameze ate?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nyw nyw nyw nyw nyw nyw



Nyw Nyw Nyw Nyw Nyw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



amanywa - Kanywanyi - umunywi

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Munywanyi yansuye ku manywa.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nyw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Dukora ku ..... nijoro tukaruhuka.
- b) Nyiramanywa.....amazi akonje.
- c) Mukannyi .....igikombe kiza.

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nny/nyw**.



2. Soma amagambo akurikira.



umukinnyi

urunywero

ubunnyano

kunywana

umunywi

umukannyi

umunywanyi

ababyinnyi

3. Soma interuro zikurikira.



a) Kanywanyi natakunda ibinnyeteri.

b) Kanywabahizi ni umukinnyi mwiza.

4. Tondeka aya magambo ukore interuro uzisome, unazandike mu mukono.



Kanywabahizi - babyiniye - Ababyinnyi - na - Mukannyi.  
kwa - bararya - Abana - ubunnyano - Rwamanywa.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane nny, nyw muri iki kinyatuzu uyandike mu mukono.

u	b	u	n	n	y	a	n	o	d
a	m	a	n	y	w	a	o	w	u
a	n	n	y	e	g	a	s	a	m
k	s	k	m	w	i	z	a	n	u
a	o	u	k	o	r	e	d	y	k
n	m	n	u	m	u	n	y	w	i
d	u	y	a	n	d	i	k	e	n
n	y	w	a	n	y	o	t	y	n
t	w	a	k	i	n	n	y	e	y
c	a	b	a	k	a	n	n	y	i

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Ku ishuri ryacu dufite abakinnyi bakomeye.  
Turangije gukina baduha imitobe turanywa.  
Uyu muni twakinnye imikino itandukanye.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ababyinnyi ba Semanywa



Semanywa afite ababyinnyi batandatu babigize umwuga. Iyo babyinnye, abantu **baranyurwa**. Afite kandi abakinnyi bane bafatanyaga mu mikino isetsa. Semanywa yabadodeshereje imyambaro myiza. Bitoza ku manywa, bagasubiramo imbyino zose. Bafite icyuma gifata amashusho y'ibyo bakora byose. Semanywa asaba **abanyamakuru** kubinyuza kuri tereviziyo.

- Abakinnyi ba Semanywa bakina imikino imeze ite?
- Ababyinnyi ba Semanywa bitoza ryari?
- Ni hehe abanyamakuru banyuza amashusho?

# Igihekane njy/Njy

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi njy.



2. Ereka kandi usome igihekanu njy/Njy.



njy

Njy

3. Soma imigemo ikurikira.



njyu

njya

njyo

4. Soma amagambo akurikira.



Njyunguri

Njyanabo

injyana

injyo

Njyamubiri

njyayo

unjyanire

sinjyana

5. Soma interuro zikurikira.



a) Njyanabo aririmba indirimbo zifite injyana nziza.

b) Yanjyanye kureba ababyinnyi.

c) Njyanira izo njyo hariya.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umunsi ntazibagirwa



Nitwa Rwamanywa ntuye mu Kagari ka Bijyonjyo. Sinjya nibagirwa umunsi Njyanabo yanjyanye ku Nyundo. Hari ku manywa, tugenda mu modoka ya Mukannyi. Tugezeye, ntangazwa no kubona abanyeshuri batunganya amajwi. Njyanabo abasaba kudushyiriramo indirimbo ifite **injanya** igezweho. Irangiye, bansobanurira uburyo **bayungurura** amajwi bakayaha injyana. Nange nifuza kuzaba umuririmbyi nindangiza kwiga.

- Ni nde wajyanye Rwamanywa ku Nyundo?
- Rwamanywa na Njyanabo bagiye mu modoka ya nde?
- Rwamanywa yifuza kuzaba iki?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



njy njy njy njy njy njy



Njy Njy Njy Njy Njy Njy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



injyana - Njyanabo - injyo

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Njyanira izi njyo.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **njy**, ukore interuro uyandike mu mukono.



a) Iyi ndirimbo ifite.....igezweho.

b) ..... iki gikombe mu nzu.

c) Ikibindi cyamenetse gihinduka.....

# Igihekane ngw/Ngw

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **ngw**.



2. Erekena kandi usome igihekane **ngw/Ngw**.



**ngw**

**Ngw**

3. Soma imigemo ikurikira.



ngwi

ngwa

ngwe

4. Soma amagambo akurikira.



Kantengwa

ngwino

ingwate

ngwize

ingweba

ingwe

Nyungwe

injangwe

5. Soma interuro zikurikira.



a) Injangwe ya Ngwabije irarwaye.

b) Kantengwa yoroye ingweba.

c) Ngwije yabonye ingwe muri Nyungwe.



6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Bahingisha imashini



Kantengwa na Karangwa bafite ubutaka bunini buhingwa. Mbere babuhingishaga amasuka bikabafata igihe kirekire. Baza kubutangaho **ingwate** bagura imashini ebyiri zihinga. Bagura kandi imashini imwe ibafasha kuvomerera ibihingwa. Ibyo bigatuma ibihingwa byabo bituma mu zuba. Umusaruro wabo ukajyanwa ku isoko. Ubu Kantengwa na Karangwa biguriye **ingweba** eshanu nziza.

- Kantengwa na Karangwa bafite ubutaka bungana iki?
- Ni izihe mashini Kantengwa na Karangwa baguze?
- Kubera iki Kantengwa na Karangwa bavomerera ibihingwa?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ngw ngw ngw ngw ngw ngw



Ngw Ngw Ngw Ngw Ngw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Kantengwa-injangwe - ingwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Kantengwa yoroze ingwaba.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **ngw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Umwarimu yandikisha ..... ku kibaho.
- b) .....tujyane kureba ababyinnyi.
- c) Inka za Ngwabije ni .....

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **njy/ngw**.



2. Soma amagambo akurikira.



Bungwe

injana

ibishingwe

sinjya

ibihingwa

injangwe

Njyamubiri

ingwate

3. Soma interuro zikurikira.



a) Njyamubiri yatembereye muri Nyungwe.

b) Ngwabije yanjyaniye ingweba mu rwuri.

4. Tondeka aya magambo ukore interuro, uzisome unazandike mu mukono.



a) itukura - arandikisha - Njyanabo - ingwa.

b) kwa - unjyane - Ngwabije - Ngwino.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **njy, ngw** muri iki kinyatuzu uyandike mu mukono.

i	n	j	a	n	g	w	e	h	i
n	p	z	a	y	u	i	o	i	n
g	<u>i</u>	<u>n</u>	<u>j</u>	<u>y</u>	<u>o</u>	y	e	n	j
w	r	i	g	u	k	u	g	g	y
a	h	t	h	h	u	t	u	w	a
K	a	n	t	e	n	g	w	a	n
N	y	u	n	g	w	e	f	t	a
n	j	y	a	n	i	r	a	e	m
d	a	d	b	w	r	t	r	a	l
i	n	g	w	e	t	y	u	v	w

6. Tondeka izi interuro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Njyanabo na Kantengwa batoragura izo njyo barazijugunya.

Kiramucika kirameneka kiba injyo.

Njyanabo yateruye ikibindi cya Kantengwa.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Umworozi wa kijyambere



Nitwa Njyamubiri, ndi umworozi utuye i Bungwe.

Noroye ingweba ebyiri zimpa **umukamo** uhagije.

Sinjya nkamisha intoki, niguriye imashini izikama byihuse.

Ntunze kandi imodoka injyanira umukamo ku ikaragiyo.

Sinjya ntemesha ubwatsi intoki.

Naguze imashini itema ubwatsi **bukagwira** bidatinze.

Ingweba zange zimpa ibishingwe bifumbira ibihingwa.


a) Njyamubiri akamisha iki inka ze?

b) Kubera iki ubwatsi Njyamubiri atema bugwira vuba?

c) Njyamubiri amaza iki ibishingwe?

# Igihekane shw/Shw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **shw**.



2. Ereka kandi usome igihe kane **shw/Shw**.



shw

Shw

3. Soma imigemo ikurikira.



shwi

shwa

shwe

4. Soma amagambo akurikira.



Mutarushwa

imishwi

imishushwe

gushwishuriza

gushwekura

gushwanyaguza

ibishishwa

igishwi

5. Soma interuro zikurikira.




a) Ibishwi byonye imbuto za Ntirushwa.

b) Mutarushwa yoroye imishwi myinshi.

c) Si byiza gushwanyaguza ibitabo.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ubworozi bwa Mutarushwa



Mu kiruhuko nasuye ubworozi bwa Mutarushwa.

Inkoko ze azororera mu nzu isize ishwagara.

Imishushwe **yonona** amagi ntishobora kubona aho inyura.

Icyantangaje ni ikoranabuhanga akoresha mu bworozi bwe.

Inkoko ntizirarira, afite imashini irarira **ikanaturaga** amagi.

Afite amatara azana ubushyuhe mu nzu irimo imishwi.

Ntakoresha injyo, afite udukoresho imishwi iriramo.

Nabonye korora inkoko bitagoye, nange nzazorora.

a) Ni hehe Mutarushwa yororera inkoko ze?

b) Kuki inkoko za Mutarushwa zitararira?

c) Kuki Mutarushwa adakoresha injyo agaburira imishwi?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



shw shw shw shw shw shw



Shw Shw Shw Shw Shw Shw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ibishishwa - Ntirushwa - ishwagara

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Ntirushwa arasiga ishwagara.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **shw**, ukore interuro uyandike mu mukono.

- a) Inkoko ze ziracyari .....
- b) Umwarimu atubuza.....ibitabo.
- c) Iyi mbeba ni.....

# Igihekane mbw/Mbw

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **mbw**.



2. Erekena kandi usome igihekane **mbw/Mbw**.



**mbw**

**Mbw**

3. Soma imigemo ikurikira.



**mbwi**

**mbwa**

**mbwe**

**mbwu**

**mbwo**

4. Soma amagambo akurikira.



**igihembwe**

**imbwa**

**yahembwe**

**ibyangombwa**

**ubusembwa**

**Rugambwa**

**mbwogoshe**

**mbwurire**

5. Soma interuro zikurikira.



a) Rudasumbwa ahinga imbwija.

b) Uyu mukambwe yahembwe ingweba.

c) Rugambwa yataye ibyangombwa bye.



6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yahembwe mudasobwa



Muri Gashyantare Rugambwa yanditse inkuru nziza arahembwa. Yahembwe ibikoresho binyuranye birimo na mudasobwa. Ayigejeje iwabo, mushiki we Kantengwa ashaka kuyikinisha. Rugambwa abwira Kantengwa ko mudasobwa idakinishwa. Amwibutsa ko ari igikoresho kizabafasha gutera indi **ntambwe**. Kantengwa avuga ko bazayirinda **ubusembwa**. Rugambwa biramunezeza, yigisha Kantengwa uko ikoreshwa.

- Kuki Rugambwa yahembwe Mudasobwa?
- Kantengwa yavuze ko mudasobwa bazayirinda iki?
- Ni iki Rugambwa yigishije Kantengwa?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mbw mbw mbw mbw mbw mbw



Mbw Mbw Mbw Mbw Mbw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Rugambwa - imbwebwe - guhembwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Rugambwa aratera intambwe.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **mbw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- Ndasumbwa yatsinze amarushanwa .....mudasobwa.
- .....irinda abajura.
- Turi mu.....cya gatatu.

# Imyitozo

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **shw/mbw**.



2. Soma amagambo akurikira.



umushwi

intambwe

ibishishwa

mbwohereze

Rugambwa

umukambwe

umushushwe

mbwurire

3. Soma interuro zikurikira.



a) Shyira Ntirushwa ibyangombwa bye.

b) Rudasumbwa atinya umushushwe.

4. Tondeka aya magambo, ukore interuro, uyisome unayandike mu mukono.



a) ish wagara - Rudasumbwa - isize - ya - Inzu.

b) imbwa - Abana - barashwiragira - babonye.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **mbw, shw** muri iki kinyatuzu, uyandike mu mukono.

i	u	m	u	s	h	u	i	o	n
R	u	d	a	s	u	m	b	w	a
t	k	o	r	u	g	u	w	i	i
a	y	i	u	m	u	s	h	g	i
m	k	m	r	u	s	h	w	i	u
i	m	b	w	a	h	u	r	s	s
w	i	w	b	w	w	s	a	h	h
e	o	a	i	s	a	h	i	w	w
r	u	j	a	s	n	w	b	i	a
i	m	a	s	h	a	e	n	m	k

6. Tondeka izi interuro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Rudasumbwa yansuye nimugoroba. Dukina twitonze tudashwana.

Arambwira ngo dukine agapira.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Rudasumbwa




Rudasumbwa ni **umukambwe** uhingira imbuto hakurya ya Gishwati. Umunsi umwe yagiye kuzisura asanga ibishwi bine birimo kuzona. Ateye intambwe ngo abyirukane, ibishwi byose biraguruka. Kuva ubwo Rudasumbwa akajya aza kwirukana **ibishwi**. Yabyirukanaga yiyumvira radiyo. Imvura yagwa Rudasumbwa akihutira kuyifunga. Yatinyaga ko inkuba yamukubita. Ibyo yabibwiwe na Kabagwira baguze radiyo.

- Ni hehe Rudasumbwa aHINGA imbuto?
- Kuki Rudasumbwa yumvaga radiyo?
- Kuki Rudasumbwa afunga radiyo iyo mvura iguye?

# Igihekane mf/Mf

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi mf/Mf.



2. Ereka kandi usome igihekanef mf/Mf.



mf

Mf

3. Soma imigemo ikurikira.



mfu

mfo

mfi

mfa

mfe

4. Soma amagambo akurikira.



imfizi

imfunguzo

imfashanyo

Niwemfura

mfe

Mfuranzima

umfotore

imfabusa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Imfunguzo za Mfurankunda zatakaye.

b) Niwemfura araha imfizi umuti.

c) Mfuranzima yicaye mu mfuruka.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Terefoni ya Niwemfura



Niwemfura yazindutse ajya kuvuza **imfizi** i Mugombwa.

Asiga acometse terefoni **mu mfuruka** afunga inzu.

Imfunguzo azisigira umwana we Ndasumbwa.

Agitirimuka, Ndasumbwa afata imfunguzo arafungura acokoza terefoni. Niwemfura agarutse asanga Ndasumbwa acokoza terefoni. Arayimwaka ngo ahamagare biranga, amenya ko yayishye. Ayishyira Rwamfizi ukora terefoni, arayimukorera irakira. Niwemfura ageze iwe abwira Ndasumbwa ko terefoni idacokozwa.

- Ni nde wacokoje terefoni ya Niwemfura?
- Terefoni yanze guhamagara Niwemfura yayishyiriye nde?
- Niwemfura avuye gukoresha terefoni yabwiye iki Ndasumbwa?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



mf mf mf mf mf mf



Mf Mf Mf Mf Mf

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



imfunguzo - Mfuranzima - imfuruka

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Mfasha izi mfunguzo.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **mf**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Nzanira izo.....mfungure aha.
- b) Babahaye .....zirimo ibitabo.
- c) Niwemfura ..... ifoto nziza

# Igihekane ndw/Ndw

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **ndw**.



7



2. Erekena kandi usome igihekane **ndw/Ndw**.



ndw

Ndw

3. Soma imigemo ikurikira.



ndwi

ndwa

ndwe

ndwo

ndwu

4. Soma amagambo akurikira.



Ndwaniye

indwara

ndwubake

umusundwe

Nyandwi

karindwi

uburondwe

ndwomeke

5. Soma interuro zikurikira.



a) Ntarindwa afite imyaka irindwi.

b) Hari indwara zitera umubiri ubusembwa.

c) Nyandwi arashitura inka uburondwe.



6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yamukoreye tereviziyo



Murindwa yakundaga ibiganiro binyura kuri tereviziyo. Yakurikiraga ibyerekeye uko abana barindwa indwara. Umunsi umwe yafunguye tereviziyo yanga **kwaka**, biramubabaza cyane. Ahamagara Mukamfizi ngo amurebere ikibazo ifite. Mukamfizi asanga umwanya ucomekwamo **antene** wagize ikibazo. Ajya kuyikora, mu masaha arindwi arayigarura. Tereviziyo ya Murindwa yongera gukora neza nka mbere.

- Ni nde wakundaga ibiganiro binyura kuri tereviziyo?
- Ni nde wakoreye Murindwa tereviziyo ye?
- Tereviziyo ya Murindwa yari yagize ikihe kibazo?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



ndw ndw ndw ndw ndw ndw



Ndw Ndw Ndw Ndw Ndw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



indwara - Nyandwi - karindwi

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nyandwi arindwa indwara.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekanane **ndw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Mukundwa afite imyaka .....
- b) Abana bagomba ..... indwara.
- c) Izi nka barimo kuzishitura .....

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **mf/ndw**.



7



2. Soma amagambo akurikira.



Karindwi

imfashanyo

uburondwe

imfizi

umusundwe

imfundiko

gukundwakaza

imfabusa

3. Soma interuro zikurikira.



a) Mukundwa yamfunguriye urugi.

b) Murindwa ni imfura ya Mfizi.

4. Tondeka aya magambo, ukore interuro, uzisome unazandike mu mukono.



a) yicaye - mfuruka - mu Nyandwi.

b) imfunguzo - afite - Murindwa.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **mf,ndw** muri iki ikinyatuzu, uyandike mu mukono.

i	n	d	w	a	r	a	h	i	u
m	f	u	n	g	u	r	e	s	m
f	t	a	r	i	m	d	w	i	u
u	m	f	o	t	o	r	e	n	s
n	k	a	r	i	s	d	w	d	u
g	i	s	I	n	u	w	e	w	n
u	m	f	a	t	e	r	a	e	d
z	g	u	k	u	d	w	a	b	w
o	y	a	m	f	a	s	h	e	e
i	m	f	a	b	u	s	a	y	a

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Mfuranzima afasha Murindwa kuyifata. Imfizi ica ikiziriko iriruka.

Murindwa yashituraga imfizi uburondwe.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mukanyandwi ni umworozi



Mukanyandwi afite ingweba makumyabiri zirimo imfizi enye. Inama umuganga uvura amatungo amugira ntiziba **imfabusa**. Akurikiza inama neza akarinda inka ze indwara. Bamuhaye imfashanyo zirimo ibikoresho bigezweho mu bworozi. Harimo ipombo ikoreshewa batera inka umuti ntizigire **uburondwe**. Harimo kandi akamashini atemesha ubwatsi mu gihe gito. Ibyo bikoresho abifata neza akabibika mu mfuruka.

- Mukanyandwi afite ingweba zingahe?
- Ni nde uvugwa muri aka gakuru?
- Ni ibihe bikoresho bahaye Mukanyandwi?
- Ni hehe Mukanyandwi abika ibikoresho bye?

# Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

1. Soma amagambo akurikira.



imbwa

Rwamanywa

ingwe

umukinnyi

umusundwe

injyo

igishwi

imfunguzo

2. Soma interuro zikurikira.



a) Mukannyi na Ntirushwa bahembwe ibitabo.

b) Kantengwa na Njyanabo baratera intambwe.

c) Niwemfura akunda kunywa amazi.

d) Mfurankunda arindwa indwara.

3. Uzurisha ijambo ririmo ibihokane **nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf**, ukore interuro uzandike mu mukono.

a) Inkoko yange yaturaze .... turindwi.

b) Umwarimu arandikisha.....itukura.

c) ..... ifoto igaragara neza.

d) Aho ikibindi cyamenekeye nahasanze .....

e) Iyo mfite inyota..... amazi.

f) .....ni imboga ziryoza.

g) Ejo twariye turangije twita umwana izina.

4. Shaka amagambo arimo ibihokane **nny, nyw, shw, mbw, njy, ngw, mf, ndw** muri iki kinyatuzu.

i	m	f	u	r	u	k	a	u	i
m	b	a	k	i	m	u	y	b	n
b	a	b	y	i	u	n	y	u	g
w	g	i	g	i	s	y	w	n	w
a	i	n	i	g	h	w	i	n	e
u	m	d	n	i	w	a	n	y	g
n	f	w	j	s	i	n	g	a	u
d	u	a	y	h	a	a	w	n	z
w	r	r	o	w	n	w	a	o	o
a	a	a	t	i	a	a	w	a	d

5. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Turangije kurya atuzanira amata yo kunywa.

Kantengwa adushishikariza kurya imbwija kuko zirinda indwara.

Ntirushwa aturirimbira indirimbo ifite injyana nziza.

Twagiye kwa Ntirushwa kwita imfura yabo izina.

Tuhageze turya ubunnyano.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Njyanabo



Njyanabo ni **imfura** iwabo. Akorera mu Murenge wa Mugombwa. Ababyeyi be batuye Murenge wa Gihundwe, mu Karere ka Rusizi. Njyanabo arangwa no gukora ngo yiteze imbere. Yakoreye ababyeyi be ibikoresho amatungo anywera amazi. Nta muntu **umunnyega** ahubwo agishwa inama. Yateye intambwe mu ikoranabuhanga ahembwa buri mwaka. Acura imfunguzo zo gukanikisha ibikoresho abaturage bamuzanira. Nta muntu bashwana kuko bose abakorera neza.

a) Njyanabo akorera he?

b) Ababyeyi ba Njyanabo batuye he?

c) Kubera iki Njyanabo ahembwa buri mwaka?

## Igihekane nzw/Nzw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nzw**.



2. Ereka kandi usome igihekanze **nzw/Nzw**.



**nzw**

**Nzw**

3. Soma imigemo ikurikira.



nzwa

nzwi

nzwe

4. Soma amagambo akurikira.



Muyunzwe

Ntaganzwa

bashinzwe

bagenzwa

badahenzwe

yatsinzwe

simpenzwe

turarinzwe

5. Soma interuro zikurikira.



a) Mukantaganzwa acururiza i Muyunzwe.

b) Ntaganzwa yatsinzwe ikizamini.

c) Iyi banki irarinzwe.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Simpenzwe ku isoko



Simpenzwe yajyanye na Kantengwa i Muyunzwe guhaha. Bagerayo bazanye **ibyunzwe** bagura amazi babanza kuyanywa. Simpenzwe atangira kubaza Kantengwa ibibazo binyuranye. Amubaza icyo abagabo bambaye **impuzankano** bashinzwe. Kantengwa amubwira ko bacunze umutekano. Nuko amutembereza mu isoko ryose amwerekana ibicuruzwa. Barangije bajya aho Mukantaganzwa acururiza imyambaro. Kantengwa amugurira ishata y'umweru adahenzwe. Simpenzwe ataha yishimye.

- Simpenzwe na Kantengwa bagiye i Muyunzwe gukora iki?
- Ni iki Kantengwa yeretse Simpenzwe mu isoko?
- Ni iki Kantengwa yaguriye Simpenzwe?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nzw nzw nzw nzw nzw nzw



Nzw Nzw Nzw Nzw Nzw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



dushinzwe - Ntaganzwa - Muryunzwe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Mukantaganzwa ashinzwe umutekano.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nzw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Abaporisi.....umutekano.
- b) .....isuzuma arababara.
- c) Mukantaganzwa yakinye azana.....

# Igihekane sw/Sw

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **sw**.



2. Erekena kandi usome igihekane **sw/Sw**.



**SW**

**Sw**

3. Soma imigemo ikurikira.

swi

swa

swe

4. Soma amagambo akurikira.



Rudaseswa

imiswa

guswingura

yakubiswe

inyamaswa

Nziraguseswa

umuswari

umuswa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Rudaseswa yaguze umuswari adahenzwe.

b) Umuswa warumye Nziraguseswa.

c) Twasuye inyamaswa muri pariki.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Rudaseswa yarahombye



Rudaseswa ni umucuruzi uturiye umugezi wa Giswi. Acururiza amakayi mu isoko, imbere ya Muswayire. Igitondo kimwe yasanze amakayi yose **imiswa** yayangije. Arebye hasi ahabona umugina urimo imiswa. Abamuguriraga amakaye babibonye barigendera. Rudaseswa **ahomba** amafaranga atari make. Nuko yigira inama yo gushaka umuti wirukana imiswa.

- Ni iki cyangije amakayi ya Rudaseswa?
- Kuki abaguraga amakayi ya Rudaseswa bigendeye?
- Rudaseswa yigiriye iyihe nama nyuma yo guhomba?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



SW SW SW SW SW SW SW



Sw Sw Sw Sw Sw Sw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Nziraguseswa - yakubiswe - umuswari

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Rudaseswa arashushanya inyamaswa.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **sw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.


a) Rudaseswa arihanagura ibyunzwe akorosheje.....

b) .....ziba muri pariki.

c) Amashuka .....ku buriri.

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nzw/sw**.



2. Soma amagambo akurikira.



Mukantaganzwa

Sinseswa

umuswa

imiswari

dushinzwe

inyamaswa

tudahenzwe

twatsinzwe

3. Soma kandi wandike interuro zikurikira.



a) Ntaganzwa yaguze umuswari i Kayunzwe.

b) Semiswa yazanye icyunzwe.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo n'interuro bikurikira.



Semiswa - Ntaganzwa - imiswa

Ntaganzwa arashushanya inyamaswa.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **nzw/sw** muri iki kinyatuzu, unayandike mu mukono.

i	n	y	a	m	a	s	w	a	i
r	a	s	h	i	n	z	w	e	b
u	m	u	s	w	a	r	i	c	y
s	k	b	c	d	e	f	g	h	u
w	a	t	s	i	n	z	w	e	n
a	g	u	m	u	s	w	a	u	z
d	u	s	h	i	n	z	w	e	w
t	w	a	t	s	i	n	z	w	e

6. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

- a) yaguze-Semiswa -Muyunzwe -imiswari - i.
- b) amakayi - Imiswa - ya - yangije - Ntaganzwa.
- c) arashushanya - zo - inyamaswa - Semiswa - pariki - muri.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yazize ruswa



Sinseswa acururiza mu isoko rya Kayunzwe.

Mu byo aranguza harimo **imiswari** minini kandi myiza.

Umunsi umwe abashinzwe imisoro bafunze iduka rye.

Bamuregaga kudatanga imisoro ku nyungu mu byo acuruza.

Ashaka kubaha **ruswa** bahita bamuta muri yombi.

Nyuma baje gukuramo ibicuruzwa bye bitezwa cyamunara.

Nuko Sinseswa azira ubuswa bwo kudatanga imisoro.

- a) Kuki abashinzwe umusoro bafunze iduka rya Sinseswa?
- b) Kuki Sinseswa yatawe muri yombi?
- c) Sinseswa yazize iki?

# Igihekane hw/Hw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **hw**.



2. Ereka kandi usome igihekane **hw/Hw**.



hw

Hw

3. Soma imigemo ikurikira.



hwi

hwa

hwe

4. Soma amagambo akurikira.



ibihuhwe

ihwa

Uwimpuhwe

amahwemo

ibihwagari

guhwitura

guhwiwisa

impuhwe

5. Soma interuro zikurikira.



a) Sineswa yahinze ibihwagari.

b) Uwimpuhwe arahwitura Simpenzwe.

c) Ibi bihwagari birimo ibihuhwe.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ubuhinzi bwa Uwimpuhwe



Uwimpuhwe ni umugore utari umuswa na mba.

Azwiho guhinga ibihwagari bitarangwamo **ibihuhwe**.

Buri gitondo, Uwimpuhwe **arihwitura** akajya kubibagarira. Iyo byeze abaturanyi bamubuza amahwemo babimusaba. Akabahwiturira guhinga ibihwagari byabo.

Abenshi bahwihwisa ko bigoye guhinga ibihwagari.

Uwimpuhwe akababwira ko bihwanye no guhinga ibindi bihingwa. None abaturanyi biyemeje ko batazahwema guhinga ibihwagari.

- Ni nde uHINGA ibihwagari?
- Buri gitondo Uwimpuhwe akora iki?
- Abaturanyi ba Uwimpuhwe biyemeje iki?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



hw hw hw hw hw hw hw hw



Hw Hw Hw Hw Hw Hw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



ibihwagari - Uwimpuhwe - amahwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.





Bihwehwe arahwihwisa amagambo.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **hw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- Wifata icyo giti.....atakujomba.
- Amavuta akorwa mu .....aryoshya ibiryo.
- Uwimpuhwe ahinga .....

# Igihekane nsw/Nsw

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nsw**.



2. Erekana kandi usome igihekanen **sw/Nsw**.



**nsw**

**Nsw**

3. Soma imigemo ikurikira.



nswa

nswi

nsw

4. Soma amagambo akurikira.



inswa

konswa

nswingura

gukerenswa

kwirukanswa

yonswe

kuronswa

nkanswe

5. Soma interuro zikurikira.



a) Inyana igomba konswa igahaga.

b) Inkoko ziratoragura inswa.

c) Kwiga ntibikwiye gukerenswa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Tworore amatungo magufi



Uyobora Akagari ka Nyanswa yari agiye gusura abaturage. Yagenzwaga no kubahwiturira kwita ku bworozi. Mu nzira abona abana birukanswa no gutoragura inswa. Ababaza impamvu batoragura inswa. Bamusubiza ko gutoragura inswa bitakerenswa kuko ziryoha. Umuyobozi ababwira ko badakwiye kurya inswa gusa. Ahubwo ko bakwiye no korora amatungo magufi. Ababwira ko boroye udukwavu bazabona inyama ziryoshye.

- Ni nde wari ugiye gusura abaturage?
- Ni iki kirukansaga abana?
- Kuki umuyobozi abwira abana korora udukwavu?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nsw nsw nsw nsw nsw nsw



Nsw Nsw Nsw Nsw Nsw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



yirukanswa - kuronswa - konswa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Uwimpuhwe aronswa yicaye.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nsw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Uruhinja rugomba.....rugahaga.
- b) Aba bana baratoragura.....
- c) Uwimpuhwe ..... no kugera ku ishuri kare.

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **hw/nsw**.



2. Soma amagambo akurikira.



Ruhwa

igihwahwari

ucyonswa

nkanswe

Girimpuhwe

kwiwhwitura

kuronswa

gukerenswa

3. Soma interuro zikurikira.



a) Girimpuhwe akunda inswa cyane.

b) Arirukanswa no guhaha ibihwagari.

4. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

a) ibihwagari –Sinseswa-arabagara.

b) arirukanswa-no-Uwimpuhwe-udukwavu- kugaburira.

c) aya - Girimpuhwe - ate - inswa?

5. Shaka amagambo arimo ibihhekane **hw/nsw** muri iki kinyatuzu, unayandike mu mukono.

a	e	h	w	i	t	u	r	a	k
m	i	g	d	n	a	h	a	r	u
a	y	o	n	s	w	e	u	u	k
h	s	h	d	w	c	z	h	h	o
w	b	w	r	a	d	u	w	w	n
a	n	k	a	n	s	w	e	a	s
i	b	i	h	w	a	g	a	r	i
l	w	a	k	o	n	s	w	a	a

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Ibihwagari bye ntibigira ibihuhwe.

Uwimpuhwe aHINGA ibihwagari.

Abantu bose birukanswa no kujya kumugurira ibihwagari.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Girimpuhwe akunda inswa



Girimpuhwe ni umwana ukunda inswa cyane.

Iyo zaguye, abuzwa nyina **amahwemo** ngo azimukarangire.

Nyina arihwitura akajya kuzitoragura hafi ya Ruhwa.

Yaza akazikaranga ku ipanu isanzwe ikarangwaho ibihwagari.

Zamara gushya akazigaburira Girimpuhwe.

Girimpuhwe azirya **ashishikaye**, akazana ibyunzwe.

Nyina akamuhanaguzwa umuswari utukura ukiri mushya.



a) Ni nde ukunda inswa cyane?

b) Ni hehe nyina ajya gutoragura inswa?

c) Girimpuhwe arya inswa ate?

# Igihekane tsw/Tsw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **tsw**.



2. Ereka kandi usome igihekane **tsw/Tsw**.



**tsw**

**Tsw**

3. Soma imigemo ikurikira.



tswa

tsw

4. Soma amagambo akurikira.



kuvutswa

bavutswa

gususurutswa

ryubatswe

gusetswa

basetswa

kururutswa

abyutswa

5. Soma interuro zikurikira.



a) Abana ntibagomba kuvutswa kwiga.

b) Ishuri ryubatswe neza.

c) Abana basusurutswa no gusetswa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Hubatswe ishuri



Mu Kagari ka Muhwehwe dutuyemo ntihabaga ishuri.  
Abana **bavutswaga** kwiga kubera kutagira ishuri.  
Ubu hubatswe ishuri ku nkunga ababyeyi batanze.  
Iryo shuri ni rinini, rifite ibyumba birindwi byubatswe neza.  
Umunsi wo kuritaha, ababyeyi bari babukereye.  
Babanje **gususurutswa** babyinirwa imbyino zishimishije.  
Nyuma basetswa no gukinirwa udukino dusekeje.  
Umuyobozi abibutsa ko nta mwana ukwiye kuvutswa kwiga.

- a) Kuki abana batuye mu Kagari ka Muhwehwe batigaga?
- b) Ni bande batanze inkunga yo kubaka ishuri?
- c) Umuyobozi yibukije iki abaturage?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihokane gikurikira.



*tsw tsw tsw tsw tsw tsw tsw tsw*



*Tsw Tsw Tsw Tsw Tsw Tsw*

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



*kubwitswa - gusetswa - yubatswe*

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




*Ishuri ryubatswe na Bisetswa.*

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihokane **tsw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Ntirushwa .....kare ngo adakererwa ishuri.
- b) Aya mashuri ..... na Sinseswa.
- c) Nta mwana ukwiye..... uburenganzira bwo kwiga.

# Igihekane ntw/Ntw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **ntw**.



2. Ereka kandi usome igihekane **ntw/Ntw**.



**ntw**

**Ntw**

3. Soma imigemo ikurikira.



ntwa

ntwi

ntwo

ntwu

ntwe

4. Soma amagambo akurikira.



intwari

Mukantwari

intwererano

ntwogoshe

ntwara

ntwubaka

Rugemintwaza

antwite

5. Soma interuro zikurikira.



a) Rugemintwaza yabaye intwari.

b) Ntwari antwaza imitwaro yange.

c) Mukantwari yampaye intwererano

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Rugemintwaza



Nitwa Rugemintwaza.

Ntwara ba mukerarugendo basuye ingagi.

Ntwara imizigo yabo ahabugenewe mu modoka yange.

Mbere yo guhaguruka, ntwikiriza imizigo ihema rinini.

Iyo tugezeye bakabona ingagi basusurutswe na zo.

Bamwe bagasetswe no kubona ingagi zihetse abana.

Iyo tuvuyeyo, ntwara buri wese aho acumbitse.

Ba mukerarugendo ntibemera ko hari undi ubatwara.

Ikigo ntwarira cyampembeye ko ntwara abagenzi neza.

a) Ni bande Rugemintwaza atwara?

b) Ni iki gisetsa ba mukerarugendo?

c) Kuki Rugemintwaza yahembwe?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanе gikurikira.



*ntw ntw ntw ntw ntw ntw*



*Ntw Ntw Ntw Ntw Ntw*

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



*Ntw Ntw Ntw Ntw Ntw*

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



*Ntwarane afite intwererano.*

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekanе **ntw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Mukantwari yabaye.....ku rugamba.
- b) Nzanira ihema.....amakara atanyagirwa.
- c) Mu bukwe nabonye.....nyinshi.

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **tsw/ntw**.



2. Soma amagambo akurikira.



intwererano

nsetswa

intwaro

kurutswa

ntwuhagiza

kotswa

ntwororera

kuvutswa

3. Soma interuro zikurikira.



a) Ntwari ntiyakwemera kuvutswa ishuri.

b) Harindintwari arasetswa no kubona udukende twonswa.

4. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, uzandike mu mukono.

a) Ntwari - Aya - yasutswe - mazi - na

b) gukina- ziri- Ntwarane- kureba- asetswa- ingagi- no.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **tsw/ntw** muri iki kinyatuzu uyandike mu mukono.

i	n	t	w	a	z	a	o	o	g
n	k	u	v	u	t	s	w	a	u
t	o	o	f	g	h	j	k	f	s
w	t	N	t	w	a	r	i	z	e
a	s	n	s	e	t	s	w	a	t
r	w	r	f	v	w	k	c	r	s
i	a	i	n	t	w	a	r	o	w
y	u	b	a	t	s	w	e	o	a

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Ku ishuri asusurutswa no gukina na bagenzi be. Ntashobora kwemera kuvutswa kwiga.

Ntwari akunda kwiga cyane.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Bisetswa yateye imbere



Bisetswa yatwaraga abantu ku igare. Agira ikifuzo cyokugura imodoka ariko amafaranga amubana make. Mukantwari amuha **intwernerano** agura imodoka. Ubu Bisetswa atwara abagenzi bagiye mu isoko rya Ntwaro. Umunsi umwe yarantwaye ngenda nsetswa na we. Mubwira ko buri gihe ari we uzajya untwara. Ansubiza ko na we ashimishwa no gutwara abagenzi. Yongeraho ko yifuza no kugura imodoka itwara imizigo. Mubwira ko umunsi azayigura, azajya antwarira **ibicuruzwa**.

- Ni nde wahaye Bisetswa intwernerano?
- Bisetswa atwara abagenzi bajya he?
- Ikifuzo cya Bisetswa ni ikihe?

# Igihekane ty/Ty

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi ty.



2. Ereka kandi usome igihekanu ty/Ty.



ty

Ty

3. Soma imigemo ikurikira.



tya

tyo

4. Soma amagambo akurikira.



ityazo

gutyaza

Matyazo

iratyaza

gutyo

aratyaza

Sematyazo

gityaye

5. Soma interuro zikurikira.




a) Matyori aratyaza intorezo.

b) Amasuka ya Sematyazo aratyaye.

c) Nyereka ityazo nityarize ishoka.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ityazo rya Bakame



Bakame yagiye i Bungwe gushaka ityazo ryo gutyaza amasuka. Imaze kubona **ityazo** yibaza uko iritwara kuko ryari **iremereye**. Ihagarara ku muhanda yibaza uko ityazo rigera mu rugo. Hashize akanya haza inkende itwaye igare. Bakame irayihagarika iyisaba kuyitwaza ityazo. Inkende irayemerera, Bakame iterura ityazo yicara ku igare. Igeze mu rugo, yishyura inkende inoti y'amafaranga magana atanu irikomereza. Kuva ubwo Bakame ikajya ityaza amasuka yayo.

- Bakame yagiye i Bungwe gukora iki?
- Bakame yatwaye ityazo kuki?
- Ni iki Bakame yakoresheje ityazo ryayo?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ty ty ty ty ty ty ty



Ty Ty Ty Ty Ty Ty

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



batya - Nyiramatyori - ityazo

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.





Matyori atuye mu Matyazo.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **ty**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Umurerwa.....isuka.
- b) Iri tyazo.....neza.
- c) Itondere iki cyuma kitagutema.....cyane.

# Igihekane nkw/Nkw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nkw**.



2. Ereka kandi usome igihe kane **nkw/Nkw**.



**nkw**

**Nkw**

3. Soma imigemo ikurikira.



nkwi

nkwa

nkwe

4. Soma amagambo akurikira.



inkweto

inkwavu

Rwinkwavu

inkware

inkwi

inkwenene

Nkwakuzi

inkwano

5. Soma interuro zikurikira.


a) Nkwaya yikoreye inkwi nyinshi.

b) Nkwakuzi yoroye inkwavu.

c) Kankwanzi arahanagura inkweto.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Inkwakuzi Sematyori



Sematyori ni **inkwakuzi** aho atuye mu Murenge wa Rwinkwavu. Yatangiye acururiza inkwi mu isoko rya Rwinkwavu. Nyuma yorora inkwavu nyinshi akajya azigurisha. Amaze **kugwiza** amafaranga, agura ipikipiki itwara imizigo. Ubu atwarira abacuruzi inkweto akaziyana mu Matyazo. Bose bamukundira ko inkweto zabo azitwara neza. Banamukundira ko atajya atinza inkweto zabo mu nzira. Bamwishyura neza na we bikamunezeza.

- Sematyori atuye he?
- Ni hehe Sematyori ajyana inkweto?
- Kuki abacuruzi bakunda Sematyori?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigane igihekane gikurikira.



nkw nkW nkW nkW nkW nkW nkW



Nkw Nkw Nkw Nkw Nkw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigane amagambo akurikira.



inkwenene - Rwinkwavu - inkware

9. Soma kandi wandike mu mukono wigane interuro ikurikira.



Kankwanzi yaguze inkweto.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nkW**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Zana.....ducane umuriro.
- b) Izi.....zirankwira.
- c) Nkwakuzi yororeye.....mu kibuti.

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **ty/nkw**.



2. Soma amagambo akurikira.



Nkwakuzi

bityo

inkweto

gutyo

inkwenene

utyo

Murorunkwere

batya

3. Soma interuro zikurikira.



a) Isuka ya Nkwakuzi iratyaye cyane.

b) Nkwaya yaguze inkweto mu Matyazo.

4. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

a) aratyariza - Kankwanzi - ityazo - rinini - ku.

b) mu - ajyanye - Senkware - Matyazo - inkwi.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **ty, nkw** muri iki kinyatuzu, unayandike mu mukono.

r	i	n	k	w	a	k	u	z	i
i	n	k	w	a	v	u	r	e	n
u	k	d	a	i	n	k	w	i	k
t	w	g	u	t	y	a	z	a	w
y	a	v	t	y	a	z	a	b	a
o	r	b	c	a	i	a	b	o	n
u	e	m	d	z	k	y	z	k	o
a	r	a	f	o	l	h	s	a	k

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Ubu atyariza abaturanyi be amasuka, bakamwishyura.  
Yaguze ityazo rishyashya.  
Kankwanzi ni inkwakuzi.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Yize gutwara igare



Kuva Nkwakuzi akiri umwana yakundaga igare cyane. Rimwe asaba Gatyori mukuru we kurimwigisha. Umunsi wa mbere aryiga yari yambaye inkweto z'icyatsi. Gatyori amwigishije **kunyonga** biramunanira **iyambura** inkweto. Gatyori ariyaho amwerekaga uko banyonga. Ntwari arisubiraho agerageza kubigenza atyo. Akomeza kunyonga kenshi, ageraho arabimenya. Abwira Gatyori ko azagura igare akajya atwara abantu.

- Nkwakuzi yakundaga iki kuva akiri umwana?
- Ni nde wigishije Nkwakuzi gutwara igare?
- Nkwakuzi nagura igare azajya akora iki?

# Igihekane py/Py

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **py**.



2. Erekana kandi usome igihekanne **py/Py**.



py

Py

3. Soma imigemo ikurikira.



pyi

pya

pye

pyo

4. Soma amagambo akurikira.



gupyinagara

gupyoka

warupyisi

gupyatura

Gapyisi

gupyipyinyura

gupyinagaza

mapyisi

5. Soma interuro zikurikira.



a) Gapyisi arapyipyinyura Nkwaya.

b) Warupyisi irirukansa imbwa.

c) Aba bana barahekana mapyisi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Warupyisi muri Nyungwe



Gapyisi yari afite urugendo mu Karere ka Rusizi. Abyuka yipyinyura, yambara inkweto vuba aragenda. Ageze mu ishyamba rya Nyungwe, asanga Warupyisi ihagaze mu muhanda. Gapyisi agira ubwoba arahagarara. Avuza amahoni ngo Warupyisi ive mu muhanda iranangira. Gapyisi ava mu modoka. Agiye **kuyipyatura inkoni**, yirukira hepfo. Yikubita hasi iryamira icyuma cyari gihari **kirapyinagara**. Gapyisi arebye asanga Warupyisi ntiyapyonyotse, akomeza urugendo.

- Gapyisi yari agiye he?
- Gapyisi yahuriye he na Warupyisi?
- Icyuma Warupyisi yaryamiye cyabaye gite?



7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



py py py py py py py



Py Py Py Py Py Py

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



gupyinagaza - Warupyisi - gupyatura

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.




Gapyisi yacapye agakuru.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **py**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Musigeho kwiruka mutagwa .....
- b) Guhekana.....ni umukino nkunda.
- c) Iki cyuma.....

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **py**.



2. Soma amagambo akurikira.



gupyatura

gupyoka

gupyineka

warupyisi

Gapyisi

mapyisi

gupyinagaza

gupyipyinyura

3. Soma interuro zikurikira.



a) Gapyisi yoroye inkwavu nyinshi.

b) Genda gahoro utitura hasi ugapyoka.

c) Aba bana barahakana mapyisi.

4. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, unazandike mu mukono.

a) acuruza -Gapyisi- nziza - inkweto.

b) ishuri- vuba- Mwipyipyinyure- muge- ku.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **py** muri iki kinyatuzu, unayandike mu mukono.

g	a	m	t	z	m	r	g
u	o	s	y	k	a	k	u
p	e	p	s	m	p	k	u
y	b	m	k	o	y	e	e
a	G	a	p	y	i	s	i
t	r	y	o	u	S	t	i
u	c	m	k	s	i	c	e
r	z	n	b	p	u	l	k
a	r	a	p	y	o	t	y

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Agezeyo bakina umukino wo guhekana mapyisi.

Gapyisi yafashe amazi ashyushye aripiyinyura.

Gapyisi aza kwitura hasi ariko ntiyapyoka.

Nkwaya aramubyutsa, aramuhanagura.

Arangije ajya gusura Nkwaya bigana mu wa kabiri.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Barahekana mapyisi



Nkwaya na Gatyori barimo **guhekana mapyisi**. Mukantwari ababwira gukina bitonze ngo batagwa bagapyoka. Batangiye guhekana mapyisi indege iratambuka ngo pyo! Barikanga barekeraho guhekana mapyisi, bicara gato. Gatyori asaba Nkwaya kumusobanurira ibyerekeye indege. Amusubiza ko indege zitwara abantu **iyu gihera**. Anamubwira kandi ko hari indege zitwara imitwaro. Gatyori aba arabimenye, bakomeza kwihekanira mapyisi. Barangije, barataha bakaraba bipyinyura.

a) Ni bande bavugwa muri aka gakuru?

b) Mukantwari yabwiye Nkwaya na Gatyori gukina bate?

c) Nkwaya na Gatyori bakarabye bate?

# Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

1. Soma amagambo akurikira.



ubuswa

ityazo

intwari

gupyipyinyura

inswa

inkweto

ibyunzwe

kuvutswa

ibihwagari

Ntwari

2. Soma interuro zikurikira.



a) Ntaganzwa akunda gusura inyamaswa muri pariki.

b) Mukantwari ahinga ibihwagari byinshi.

c) Inkwere ziratoragura inswa.

d) Gapyisi atyaza ishoka atya.

e) Simpenzwe yanze kuvutswa ishuri.

3. Uzurisha izi nteruro amagambo arimo ibihhekane **nzw, nsw, tsw, nk, py**, ukore interuro, unazandike mu mukono.

a) Ntwari acana .....muri rondereza.

b) Uwimpuhwe aratoragura.....

c) Iyi nzu.....na Sinseswa.

d) Gatoryi.....gucunga umutekano wa Banki.

e) Ntwari yituye hasi.....

4. Shaka amagambo arimo ibihhekane

**nzw,sw,hw,nsw,tsw,ntw,ty, nk, py** muri iki kinyatuzu uyandike mu mukono.


i	m	i	s	w	a	i	a	y	u
c	z	h	k	y	i	n	r	a	r
i	e	w	o	t	a	t	a	h	u
n	k	a	t	l	p	w	t	e	p
k	o	n	s	w	a	a	y	n	y
w	v	u	w	g	h	r	a	z	i
i	d	j	a	b	l	o	z	w	s
i	b	a	t	y	a	z	a	e	i

5. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Gatoryi yatoraguraga inswa ahantu hubatswe inzu nshya. Yirukaga yitonze ngo atagwa hasi agapyoka. Atinya kuyegera ahamagara Ntwari ngo ayimwereke. Abona ya nkware igiye mu biti birimo amahwa. Abona inkware ayirukaho ashaka kuyifata iraguruka.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Inswa na nyirabarazana



**Nyirabarazana** yakundaga ishuri kuko rityaza ubwenge.

Yari intwari mu kurwanya **ubuswa** mu karere ituyemo.

Yabyukaga yipyinyura, igahanagura inkweto zayo zitukura ikajya ku ishuri. Umunsi umwe yagiye ku ishuri yiruka, izana ibyunzwe. Igeze ahantu hahinze ibihwagari, ihasanga inswa nyinshi. Irahagarara itinzwa no kurya izo nswa. Ibonye igiye gukererwa ishuri, iguruka vuba, ihagera idakererewe.


a) Ni ukubera iki nyirabarazana yakundaga ishuri?

b) Igeze ahari ibihwagari yahasanze iki?

c) Ni iki nyirabarazana yakoze ibonye igiye gukererwa?

## Igihekane njw/Njw

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **njw**.



2. Erekana kandi usome igihekanane **njw/Njw**



**njw**

**Njw**

3. Soma imigemo ikurikira.



njwi

njwa

njwe

4. Soma amagambo akurikira.



Kibanjwa

Nyanjwenge

kwanjwa

gukanjwa

amanjwe

gushinjwa

gukanjakanjwa

injwiri

5. Soma interuro zikurikira.



a) Umusatsi wa Nyanjwenge ni injwiri.

b) Intebe za Kibanjwa zirakunjwa.

c) Sinanjwa arashinjwa amanjwe.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Nyanjwenge kwa muganga



Nyanjwenge yahoraga arwaragurika. Yari yarataye ibiro bitatu. Umusatsi we wari warabaye injwiri, uza guhinduka amoya. Ababyeyi be bahoraga **banjwa** bamuha imiti ya kinyarwanda. Akomeje kuremba, se Kibanjwa amujyana ku ivuriro rya Njwari. Muganga aramusuzuma, abwira Kibanjwa ko Nyanjwenge arwaye bwaki. Amubwira ko Nyanjwenge yagaburirwa ibiryo birimo intungamubiri agakira. Kibanjwa agurisha intebe zirindwi **zikunjwa** abona amafaranga. Atangira kujya ahahira Nyanjwenge ibyo kurya byuzuye intungamubiri. Ubu Nyanjwenge yakize bwaki, afite umubiri utoshye.

- Nyanjwenge yari arwaye iki?
- Muganga yagiriye se wa Nyanjwenge iyihe nama?
- Kibanjwa yakuye he amafaranga yo guhaha?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



njw njw njw njw njw njw



Njw Njw Njw Njw Njw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Senjwiri - zikunjwa - gukunjwa

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Kibanjwa arasokoza injwiri.



10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **njw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Umusatsi wange ntabwo ari .....
- b) Yaguze intebe .....
- c) Ibiryo bigomba.....mbere yo kubimira.



# Igihekane dw/Dw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **dw**.



2. Ereka kandi usome igihekane **dw/Dw**.



**dw**

**Dw**

3. Soma imigemo ikurikira.



dwi

dwa

dwe

4. Soma amagambo akurikira.



Kudwinga

idodwa

Madwedwe

umudwedwe

Budwiri

aradagadwa

imidwedwe

aradwedweza

5. Soma interuro zikurikira.



a) Uruyuki rwadwinze Madwedwe.

b) Iyi myenda idodwa na Kadwiri.

c) Basanze Budwiri adagadwa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Madwedwe yitaweho



Madwedwe yazindutse alya ku ishuri. Ageze ahantu hari **umudwedwe** ananirwa kugenda araryama. Budwiri bigana ahageze asanga Madwedwe aryamye atitira. Alya kureba nyina wa Madwedwe aho yirirwa ku isoko rya Nyanjwiri. Nyina aza yiruka ahita amujyana kwa muganga. Muganga asuzumye Madwedwe, asanga arwaye bwaki ibyimbisha. Nyina **aradagadwa** avuga ko yari azi ko ari ukubyibuha. Muganga amwohereza mu kigo mbonezamirire bamwitaho. Madwedwe amaze gukira ashyikirizwa nyina ngo akomeze kumwitaho.

- Madwedwe yananiwe kugenda ageze hehe?
- Nyina wa Madwedwe yamujyanye hehe?
- Muganga yohereje Madwedwe mu kihe kigo?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



dw dw dw dw dw dw dw



Dw Dw Dw Dw Dw Dw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



kudwangadwanga - kudwinda - Madwedwe

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Budwiri aradagadwa.

10. Uzurisha ijamba rikwiye ririmo igihekane **dw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

a) Uruyuki.....ararira.

b) Iki giti ni .....

c) Iyi myenda na Budwiri.....

# Imyitozo

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **njw/dw**.



2. Soma amagambo akurikira.



kwanjwa

injwiri

idodwa

gushinjwa

kudwinga

aradwangadwanga

Nyanjwenge

Madwedwe

3. Soma interuro zikurikira.



a) Imyenda ya Nyanjwenge idodwa na Kibanjwa.

b) Senjwiri yatemye umudwedwe.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



a) Uruyuki rwadwinze Nyanjwenge.

b) Senjwiri afite intebe zikunjwa.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **njw, dw** muri iki kinyatuzu unayandike mu mukono.

g	k	w	a	n	j	w	a	k	N
u	m	u	m	y	i	r	u	u	y
k	u	m	a	i	n	a	d	d	a
a	s	u	n	n	j	n	o	w	n
n	y	d	j	d	w	j	d	i	j
j	i	w	w	y	i	w	w	n	w
w	r	e	e	a	r	a	a	g	e
a	m	d	e	w	i	r	a	a	n
g	u	w	i	d	o	d	w	a	g
k	u	e	a	g	a	d	w	a	e


6. Tondeka izi interuro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Kibanjwa amugira inama yo kugura intebe zikunjwa. Madwedwe yashakaga kugura intebe.

Ubu Madwedwe yicara mu ntebe zikunjwa bikamushimisha.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Budwidwi ntakigunga




Umwarimu Kibanjwa yahoraga abona Budwidwi yigunga ntakine. Aramwegera amubaza impamvu adakina na bagenzi be. Budwidwi amusubiza ko aba yumva nta mbaraga afite. Kibanjwa amwitegereje abona umusatsi **waracuramye**. Ahamagaza umubyeyi we baraganira, amushinja kutita ku mwana we. Kibanjwa amusaba kuja amwitaho akamugaburira ibirimo **itungamubiri**. Kuva ubwo umubyeyi wa Budwidwi atangira kumwitaho. Ubu Budwidwi afite imbaraga, asigaye akina na bagenzi be.

- Kubera iki Budwidwi atakinaga na bagenzi be?
- Umubyeyi wa Budwidwi yashinjwe iki?
- Ni iki Kibanjwa yasabye umubyeyi wa Budwidwi?

# Igihekane sy/Sy

1. Ereka kuri uva uvuye izina ry'ishusho irimo ijwi **sy**.



2. Ereka kuri usome igihehekane **sy/Sy**.



sy

Sy

3. Soma imigemo ikurikira.



syi

syo

sya

syé

syu

4. Soma amagambo akurikira.



umusyi

gusyonyora

gusya

gusyunyura

Busyete

gusyigingira

akanyamasyo

urusyo

5. Soma interuro zikurikira.

a) Busyete arasya ubunyobwa.

b) Gasyori arinda abana be gusyigingira.

c) Uyu mwana yashushanyije akanyamasyo.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Baretse ibiyobyabwenge



Hari mu kiruhuko Busyete ajya gusura Busyori iwabo. Ahageze, Busyori azana umupira batangira gukina. Umupira bakinaga ugwa mu bihuru, Busyete ajya kuwureba. Atangazwa no kuhasanga abana bataye ishuri **batumagura** ibitabi. Ahamagara Busyori ngo amufashe gucyaha abo bana. Busyori ababwira ko ku ishuri bababujije kunywa **ibiyobyabwenge**. Busyete na we yongeraho ko ibiyobyabwenge byangiza ubuzima. Bumvise inama za Busyete na Busyori biyemeza kubireka. Ubu baretse ibiyobyabwenge, basubira mu ishuri.

- Busyete na Busyori basanze abana bakora iki?
- Kuki ari bibi kunywa ibiyobyabwenge?
- Ni ikihe kemezo abana banywaga ibiyobyabwenge bafashe?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



sy sy sy sy sy sy



Sy Sy Sy Sy Sy Sy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Busyete - urusyo - akanyamasyo

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Urusyo rwa Busyete rusya neza.


10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **sy**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) .....kagenda buhoro.
- b) Uru.....rusya amasaka neza.
- c) Reka.....iyo mineke!



# Igihekane fw/Fw

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi fw.



2. Erekena kandi usome igihekane fw/Fw.



fw

Fw

3. Soma imigemo ikurikira.



fwa

fwe

4. Soma amagambo akurikira.



igifwera

igufwa

igifwana

Gafwero

5. Soma interuro zikurikira.

a) Igifwera kiri ku rukoma.

b) Gafwero arwaye igifwana.

c) Imbwa irakenya igufwa.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Igifwera cyatabaye akanyamasyo



Umugoroba umwe, igifwera cyarimo gitembera. Kigeze mu ishyamba rya Gafwero, kigasanga akanyamasyo gasinziriye. Kari kanaryamiye ijerekani irimo **kanyanga**. Igifwera kigerageza kugakangura, ariko gakomeza kugona. Gakangutse gasaba igifwera kugasindagiza kakajya mu rugo. Bigezeyo, igifwera kimenya ko kasinzirijwe na kanyanga kanyoye. Igifwera kigasobanurira **ingaruka** zo kunywa kanyanga. Kikabwira ko kanyanga ari ikiyobyabwenge cyangiza ubuzima. Akanyamasyo kiyemeza kutazongera kuyinywa maze kamena iyari isigaye.

- Igifwera cyasanze akanyamasyo hehe?
- Kuki akanyamasyo kari kasinziriye?
- Akanyamasyo kiyemeje iki?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



fw fw fw fw fw fw fw



Fw Fw Fw Fw Fw Fw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



igufwa - igifwana - Gafwero

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Igifwera ntikigira amagufwa.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **fw**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- a) Imbwa irakenya .....
- b) Umuntu urwaye.....ababara mu nda.
- c) Gafwero yabonye.....ku rukoma.

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **sy/fw**.



2. Soma amagambo akurikira.



igifwera

gusya

igufwa

gusyonyora

igifwana

barasyigingiye

Mukabusyete

gusyunyura

3. Soma interuro zikurikira.



a) Ibi bishyimbo byatangiye gusyunyura.

b) Mukagafwero yasyonyoye imineke.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



a) Nyiramusyi afite amagufwa akomeye.

b) Busyete arakura igifwera ku rukoma.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **sy, fw** muri iki kinyatuzu, uyandike mu mukono.

i	g	i	f	w	a	n	a	B	k
g	u	r	u	s	y	o	m	u	i
u	s	d	a	G	d	g	a	s	g
f	y	y	d	a	g	u	s	y	i
w	a	o	s	f	a	d	a	e	f
a	n	m	a	w	r	h	r	t	w
k	y	n	k	e	y	i	a	e	a
w	o	h	j	r	a	h	n	j	n
g	u	s	y	o	n	y	o	r	a
a	m	a	g	u	f	w	a	b	c

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Babona igifwera ku rukoma bagira ubwoba.

Busyete na Gafwero bakinaga umupira.

Bahamagara Mukamusyi akibakuriraho.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mukagafwero yisubiyeho



Mukagafwero yari atuye mu Mudugudu wa Bufwero. Yakundaga kunywa ibiyobyabwenge. Amafaranga ye yose ni ho yashiriraga. Ntiyitaga ku bana be. Bose bari **barasyigingiye**. Amagufwa yabo yarabarikaga umubiri wose. Umunsi umwe Mukagafwero yagiriwe inama na Mukabusyete. Amwumvisha ko natareka **ibiyobyabwenge**, abana bazakomeza gusyigingira. Mukagafwero yitegereza abana agahinda karamwica. Kuva ubwo areka ibiyobyabwenge, yita ku bana be. Ubu mu mudugudu atuyemo, asigaye ari intangarugero.

a) Abana ba Mukagafwero bari bameze bate?

b) Byagenze bite Mukagafwero yitegereje abana be?

c) Mukagafwero amaze kureka ibiyobyabwenge yakoze iki?

# Igihekane ndy/Ndy

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **ndy**.



2. Erekena kandi usome igihekane **ndy/Ndy**.



**ndy**

**Ndy**

3. Soma imigemo ikurikira.



ndyu

ndyi

ndyo

ndye

ndya

4. Soma amagambo akurikira.



ndyumeho

arandyamiye

indyankurye

indyarya

ndyegere

ndyimure

indyankwi

indyoshyandyo

5. Soma interuro zikurikira.



a) Ndyamiye afite indyankwi ityaye.

b) Ibi biryo birimo indyoshyandyo.

c) Ndy indyo yuzuye buri muni.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Turye indyo yuzuye



Bana turye indyo yuzuye.

Indyo yuzuye si irimo **indyoshyandyo**.

Indyo yuzuye ni irimo intungamubiri zose.

Indyo yuzuye ituma tugira imbaraga.

Bana turye indyo yuzuye.

Indyo yuzuye ituma tugira ubuzima bwiza.

Indyo yuzuye ituma tutarwara **ibifwana**.

Indyo yuzuye turya ituma twiga neza.

Bana turye indyo yuzuye.

a) Indyo yuzuye iba irimo iki?

b) Indyo yuzuye iturinda iyihe ndwara?

c) Ni iyihe nama tugirwa muri aka gakuru?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



ndy ndy ndy ndy ndy



Ndy Ndy Ndy Ndy Ndy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



indyarya - Ndyamiye - indyo

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Ndyamiye yaguze indyoshyandyo.


10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane ndy, ukore interuro, uyandike mu mukono.

- Busyete yaguze.....ityaye.
- Ibiryo birimo.....biraryoha.
- Tugomba kurya.....yuzuye ngo tutarwara.



# Igihekane cw/Cw

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **cw/Cw**.



2. Ereka kandi usome igihekanwe **cw/Cw**.



**CW**

**Cw**

3. Soma imigemo ikurikira.



**cwi**

**cwa**

**cwe**

4. Soma amagambo akurikira.



**gucweza**

**imicwira**

**Gacwezi**

**amacwa**

**wacwekereye**

**umucwezi**

5. Soma interuro zikurikira.



a) Uyu muriro wacwekereye.

b) Gacwezi arahira imicwira.

c) Icwende rya Semacwa ryamenetse.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Gacwezi yarakize



Gacwezi yararwaye cyane, imbaraga zose zirakendera. Nyina atekereza kumuvuza ku mucwezi, yibwira ko arwaye amacwa. Mukagacwezi, ugira abantu inama mu byerekeye ubuzima aramubuza. Amubwira ko Gacwezi arwaye kubura amaraso. Nyina wa Gacwezi amubaza icyo yakora ngo Gacwezi akire. Mukagacwezi amusubiza ko umuti ari ukumuha indyo yuzuye. Ubu Gacwezi aragaburirwa indyo yuzuye, arakina nta kibazo.

- Ninde wabujije nyina wa Gacwezi kujya kumuvuza ku mucwezi?
- Gacwezi yari arwaye iki?
- Ni iki cyatumye Gacwezi yongera gukina nta kibazo?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



CW CW CW CW CW CW CW



Cw Cw Cw Cw Cw Cw

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



Gacwezi - imicwira - gucwekera

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Mukagacwezi arahira imicwira.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **CW**, ukore interuro, uyandike mu mukono.


a) Mukagacwezi arahirira inyana .....

b) Wo gacwa we! Wa muriro.....

c) Iyo mwarimu yigisha dukurikira .....

# Imyitozo

1. Erekana kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi ndy/cw.



2. Soma amagambo akurikira.



icwende

indyo

gucweza

indyankwi

imicwira

wacwekereye

indyabyatsi

indyarya

3. Soma interuro zikurikira.



a) Indyabyatsi zikunda imicwira.

b) Gafwero aratyaza indyankwi.

4. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro zikurikira.



a) *Ndyamiye arashyira amavuta mu icwende.*

b) *Gacwezi yaguze indyoshyandyo ashyira mu biryo.*

5. Shaka amagambo arimo ibihokane ndy, cw muri iki kinyatuzu unyandike mu mukono.

n	b	c	d	e	f	g	i	h	i
d	r	p	o	n	m	l	n	k	n
y	s	t	u	v	a	v	d	y	d
u	i	n	d	y	a	r	y	a	y
m	g	u	c	w	e	z	a	z	o
e	z	w	a	y	b	v	b	d	c
h	u	i	m	i	c	w	i	r	a
o	t	e	t	f	s	g	t	y	j
i	c	w	e	n	d	e	i	k	h
g	u	c	w	e	k	e	r	a	l

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Mukagacwezi akunda kuyahirira imicwira.

Iyo nyana irya indyo nziza.

Mukagacwezi yoroye inyana.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ndyamiye akunda gukina




Umugoroba umwe Ndyamiye yacanye umuriro ashiraho amazi. Ajya gukina na bagenzi be mu kibuga kegereye **imicwira**. Nyina avuye kugura icwende, asanga umuriro **wacwekereye**. Ahamagara Ndyamiye amubwira ko umuriro wacwekereye. Ndyamiye yihutira gusaba nyina imbabazi kuko yarangaye. Nyina amubwira ko gukina bikomeza amagufwa. Yongeraho ko gukina bituma umuntu yisanzura akagira inshuti. Amwibutsa ko gukina ariko bitibagiza umuntu gukora uturimo.

- Ndyamiye na bagenzi be bakiniraga he?
- Nyina wa Ndyamiye yari avuye gukora iki?
- Gukina bimarira iki umubiri?

# Igihekane nshy/Nshy

1. Erekena kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nshy**.



2. Erekena kandi usome igihekane **nshy/Nshy**.



nshy

Nshy

3. Soma imigemo ikurikira.



nshyi

nshyu

nshyo

nshya

nshye

4. Soma amagambo akurikira.



inshyimbo

inshyushyu

inshyomotsi

Nyanshya

nshyenge

nshyashyane

inshyanutsi

nshyuhiriza

5. Soma interuro zikurikira.

a) Nshyuhiriza inshyushyu nywe ndashonje.

b) Nshyirira iyi nshyimbo mu nzu.

c) Abarezi batubuza kuba inshyanutsi.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Turinde intoki umwanda



Umugoroba umwe nasuye Shyirambere. Nsanga ahanagura **inshyimbo** ya se. Arambika inshyimbo hasi **anshyuhiriza** amazi. Ayanshyirira mu gikombe ngo nkarabe intoki nywe inshyushyu. Mubaza impamvu nakarabye mbere yo kunywa inshyushyu. Ambwira ko ngomba gukaraba intoki mbere yo kurya no kunywa. Yongeraho ko isuku yo ku ntoki irinda indwara zikomoka ku mwanda. Mushimira ko anyigishije kwirinda indwara zikomoka ku mwanda.

- a) Shyirambere yahanaguraga iki?
- b) Tugomba gukaraba intoki ryari?
- c) Isuku yo ku ntoki irinda iki?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekanane gikurikira.



nshy nshy nshy nshy nshy



Nshy Nshy Nshy Nshy Nshy

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



inshyimbo - Nyanshya - inshyomotsi

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nyanshya aranywa inshyushyu.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekanane **nshy**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

a) Uyu mukambwe yitwaje .....

b) .....ni amata bakamye ako kanya.

c) .....amazi nkarabe.



# Igihekane nty/Nty

1. Ereka kandi uvuge izina ry'ishusho irimo ijwi **nty**.



2. Ereka kandi usome igihe kane **nty/Nty**.



**nty**

**Nty**

3. Soma imigemo ikurikira.



nty

ntya

4. Soma amagambo akurikira.



intyabire

Nyirantyoza

ntyariza

intyoza

5. Soma interuro zikurikira.



a) Ntyariza iyi ndyankwi.

b) Nyirantyoza atetse intyabire.

c) Muhizi ni intyoza.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kwirinda biruta kwivuza



Abaturage bo Mudugudu wa Ntyazo bahoraga **barwaragurika**. Nyirantyoza, umujyanama mu byerekeye ubuzima abakoresha inama. Ababwira ko barwaragurika kuko batarya indyo yuzuye. Abibutsa kujya barya **intyabire** kuko zuzuyemo intungamubiri. Abasaba kujya barya imboga kuko zirinda indwara. Abibutsa no kujya banywa inshyushyu kuko yubaka umubiri. Umusaza Busyete arahaguruka ashimira Nyirantyoza. Avuga ko ibyo Nyirantyoza ababwiye byose biboneka iwabo. Nyirantyoza asoza abibutsa ko kwirinda biruta kwivuza.

- Umujyanama uvugwa muri iyi nkuru yitwa nde?
- Ni akahe kamaro ko kurya imboga?
- Ni nde washimiye Nyirantyoza?

7. Soma kandi wandike mu mukono wigana igihekane gikurikira.



nty nty nty nty nty nty nty



Nty Nty Nty Nty Nty Nty

8. Soma kandi wandike mu mukono wigana amagambo akurikira.



intyabire - Nyirantyoza - ntyariza

9. Soma kandi wandike mu mukono wigana interuro ikurikira.



Nyirantyoza akunda intyabire.

10. Uzurisha ijambo rikwiye ririmo igihekane **nty**, ukore interuro, uyandike mu mukono.

a).....ziraryoha.

b).....iyi ndyankwi nge gutema igiti.

c) Uyu mwana ni.....mu ishuri.

# Imyitozo

1. Ereka kandi uvuye izina ry'ishusho irimo ijwi **nshy/nty**.



2. Soma amagambo akurikira.



untyarize

inshyanutsi

Nyirantyoza

intyoza

inshyimbo

intyabire

nshyashyane

nshyenge

3. Soma interuro zikurikira.



a) Nyirantyoza yanshyiriye inshyimbo mu nzu.

b) Nshyuhiriza izi ntyabire.

4. Soma kandi wandike mu mukono interuro zikurikira.



a) Sentyoza aranywa inshyushyu.

b) Nyirantyoza arabuganiza amata mu cyansi.

5. Shaka amagambo arimo ibihokane **nshy, nty** muri iki kinyatuzu unayandike mu mukono.

i	s	h	v	u	s	z	y	u	c
n	w	o	n	N	t	y	a	z	o
s	a	i	o	s	e	m	s	w	a
h	i	n	s	h	y	i	m	b	o
y	a	t	s	a	g	u	t	y	o
u	c	y	e	n	t	y	a	z	e
s	w	o	m	a	w	i	l	i	z
h	a	z	h	t	b	a	t	y	a
y	t	a	w	s	b	n	y	r	d
u	a	n	s	h	y	i	r	e	e

6. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Nge gusura Nyirantyabire.

Umpanagurire na ya nshyimbo yange.

Nshyuhiriza amazi nkarabe.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Mutembanshyushyu akomereka



Nitwa Mutembanshyushyu. Uko ngiye gukata imboga ntyaza icyuma. Umunsi umwe, ntyaza icyuma nakomeretse urutoki. Data anshyira ku rutugu, yihutira kunshyikiriza umuganga. Mpageze, umuganga Sentyoza anyakirana ubwuzu. Anshyiriraho umuti byihuse, arangije anshyiriraho igipfuko. Ambwira ko ngomba kujya nitonda mu gihe ntyaza. Nakunze umuganga Sentyoza kubera ko yita ku barwayi. Ubu nange ndiga nshyizeho umwete **nshyashyanira** kuzaba muganga. Buri mugoroba nsoma ibitabo ngo **ntyaze ubwenge**.

a) Kubera iki se wa Mutembanshushyu yihutiye kumushyikiriza umuganga?

b) Umuganga yavuye ate Mutembanshyushyu?

c) Kubera iki Mutembanshyushyu yiga ashyizeho umwete?

# Isuzuma risoza umutwe wa munani

1. Soma amagambo akurikira.



Nyanjwenge

igifwera

urusyo

umudwedwe

intyabire

inshyushyu

indyarya

icwende

2. Soma interuro zikurikira.



a) Nyanjwenge aratyaza indyankwi.

b) Umuriro Madwedwe yacanye wacwekereye.

c) Gasyori arwaye igifwana.

d) Inshyushyu ibamo ibyubaka umubiri.

3. Uzurisha ijambo rikwiriye ririmo ibihokane **njw, fw, nty, ndy, cw** maze ukore interuro unayandike mu mukono.

a) Nyanshya ni ..... mu masomo yose.

b) Madwedwe na Busyete barashyira amavuta mu .....

c) Gacwezi yaguze intebe .....

d) Kurya .....yuzuye bituma tugira ..... akomeye.

4. Shaka amagambo arimo ibihokane **njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nshy**, muri iki kinyatuzu maze uyandike mu mukono.

i	n	d	y	o	a	b	i	M	g
n	s	h	y	i	r	i	r	a	u
t	c	w	e	a	a	m	G	d	s
y	f	u	s	m	n	i	a	w	y
a	e	m	y	a	j	c	f	e	o
b	d	u	a	g	w	w	w	d	n
i	w	c	e	u	a	i	e	w	y
r	j	w	n	f	y	r	r	e	o
e	c	i	s	w	t	a	o		r
i	n	d	y	a	b	i	t	i	a

5. Tondeka izi nteruro neza ukore agakuru kumvikana, ugasome.

Ndyamiye amusaba kukireka ngo atakica.

Aba abonye igifwera iruhande rwa za ntyabire.

Ageze mu nzira asanga Ndyamiye yica intyabire.

Ashaka kugukuraho yifashishije inshyimbo.

Budwiri yagiye kugura intebe zikunjwa kwa Gasyori.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Ubuzima bwacu



Umugoroba umwe, Nyanshya yadusabye gutuza akatuganiriza. Twese twahise tugira amatsiko twicara ku mukeka **ducweje**. Yatubwiye ko kudwangadwanga ibiziba bitera igifwana dukwiye kubyirinda. Yatwibukije ko kurya indyo yuzuye birinda indwara dukwiye kubiharana. Yatwibukije ko kunywa inshyushyu byubaka umubiri bikawurinda gusyigingira. Yatubwiye ko ibiyobyabwenge byangiza ubuzima, dukwiye kubyirinda. Yanatubwiye ko gukora imyitozo ngororamubiri, bikomeza amagufwa. Yadusabye ko igihe turwaye, dukwiye kwivuza hakiri kare. Mbega ngo Nyanshya aratubera **intyoza!** Yatwunguye byinshi!

- Kuki abana batagomba kudwangadwanga ibiziba?
- Kuki ari byiza gukora imyitozo ngororamubiri?
- Ni iki abantu bagomba gukora iyo barwaye?





# Imyandiko y'inyongera

## Imivugo

### 1. Amahoro i Rwanda

Dukunde amahoro  
Turwanye urwango  
Amahoro aganze  
Iwacu i Rwanda.

Kugira urukundo  
Ntitukabyange  
Amahoro aganze  
Mu rwa Gasabo.

Bana mwese  
Mukunde u Rwanda  
Amahoro aganze  
Iwacu i Rwanda.

### 2. Bwiza wacu

Bwiza wacu  
Umukobwa ukwiye  
Ufasha ababyeyi.  
Uturimo twose.

Afata utweyo  
Ubwo agakubura  
Utwanda twose  
Akanaga hirya.

Amesa utwenda  
Tugacya rwose  
Bwiza wacu  
Icyatwa iwacu.

---

### 3. Tumurerere mu muryango

Umwana Nkuranga  
Yataye ishuri  
Kubera ababyeyi  
Rurema yatwaye.

Nta myambaro atunga  
Yambara injamba  
Iyo imvura iguye  
Imunyagira yose.

Umuvumvu Nkoronko  
Yaramubonye  
Arimo arya imvuzo  
Amutwara iwe bwangu.

Amutekera injanga  
Amukiza amavunja  
Amwambika neza  
Nkuranga aratuza.

Aba mu muryango  
Amasomo aratsinda.

4. Ukuri kurakiza

Nikuzwe w'i Mpanda  
Yatumwe umujyoyjo  
Ageze kuri Pfunda  
Amafaranga yajyanye  
Ayigurira imigati.

Nikuzwe arataha  
Asanga umusaza  
Se yicaye hanze  
Yogosha ubwanwa  
Amubwiza ukuri kose.

Sinaguze umujyoyjo  
Niguriye imigati  
None rero mubyeyi  
Ngusanze ntakamba  
Ngo uce inkoni izamba.

Se amureba mu maso  
Avugana urukundo.  
Ati : "Mwana wange  
Ukuri ntikwica  
Dore icara utuze."

5. Gwaneza arakeye

Gwaneza arakeye  
Yatojwe kugenda Asa  
neza mu bandi.

Umubyeyi umubyara  
Yamutoje gukaraba  
Imbyiro zigahunga.

Gwaneza arakeye  
Asokoza buri munsu  
Ntatinga ubujwiri.  
Ishyaka rimuranga  
Asukura aho arara  
Icyumba ke kikerera

Ni byinshi adutoza  
Iyo turi ku ishuri  
Twese turamushima.

6. Dore ikoranabuhanga!

Ikoranabuhanga  
Ni rudasumbwa  
Rikundwa na bose  
Rikamenywa na benshi.

Tereviziyo yange  
Injyana hose  
Imbwira byinshi  
By'iwacu i Rwanda.

Inyereka Nyungwe  
Nkabona Gishwati

N'ibiti byiza

Bivura indwara.

Iyo nshaka  
Amafoto meza  
Mfata terefone  
Ngafotora abantu  
Ngafotora ibintu.

Iyo nkoresha interineti  
Nge menya byinshi.  
Menya abakinnyi beza  
B'ibihugu byose.

## 7. Dutembere u Rwanda

Nitwa Ntaganzwa  
Ntuye i Matyazo  
Nasuye ibyiza  
Bitatse uru Rwanda.

Nasuye Nyungwe  
Mbona inyoni nyinshi  
Zirimo inkware  
Mbona ibiti byiza  
By'amahwa menshi.

Nageze mu Birunga  
Mbona inyamaswa  
Ingagi zikunzwe  
Zirya inswa cyane.

Nasuye Burera  
Nsura Ruhondo  
Nambutswa neza  
Rugenintwari  
Angeza i Burera.

Namanutse imisozi  
Nzamuka iyindi  
Mba nguye hasi  
Umubiri urapyoka  
Nsoza urugendo.

Namenye u Rwanda  
Rutatswe imisozi  
Rurimo amashyamba  
Ibiyaga n'ibirunga.

## 8. Madwedwe

Umwana Madwedwe  
Yabyirutse mureba  
Adakunda ibirayi  
Bivanzemo imbwija.

Ntiyaryaga utujanga  
Ngo dukanuye amaso  
Ntiyakundaga inshyushyu  
Agahorera amazi  
Ayasomeza ibijumba.

Bidatinze ararwara  
Inda yose irabyimba  
Amatama aratumba  
Imisatsi iba injwiri.

Nyina aravugishwa  
Ngo arwaye igifwana  
Igisyo kiramujyanye.

Mukuru we w'intyoza  
Abasaba kumuvuza  
Ngo barebe icyo arwaye.

Basanze Madwedwe  
Azonzwe na bwaki  
Bamuhata ibirayi  
Bivanzemo imbwija  
Bivanzemo injanga  
Ngo atazicwa na bwaki.

Madwedwe arariye  
Aba abonye indyo nyayo  
Madwedwe aratoshye  
Aba umwana ushamaje  
Unakeye mu bandi.

# Indirimbo

## 1. Umwanda wose urica

Umwanda wose urica,  
Bana mubimenye.

Urwaza abantu benshi,  
Namwe muwirinde.

Muzage mukunda,  
Gukaraba neza.  
Muzamere rero,  
Nk'abana barezwe.

Mbyutsa mu gitondo,  
Nkarabe umubiri.  
Nsobanurira byose,  
Nge nirinda umwanda.

Untoze n'uburyo  
Bwo gukora isuku`  
Ibyo mbujijwe byose  
Mbigendere kure.

Tubwire abana bose  
Uko twirinda umwanda.  
Turwanye ubugwari  
Tunagira ishyaka.

Tuzage dukunda,  
Gukaraba neza.  
Tuzamere rero  
Nk'abana barezwe.

## 2. Akanyamanza

Mbe kanyamanza keza  
Ko mbona wishimye  
Ni iki cyabiguteye  
Ngo natwe tugufashe?

Erega ni ko mpora  
Mwa banyeshuri mwe  
Iyo mbona mukina  
Numva nabakinamo!

Uge uza twikinire  
Ntabwo bibujijwe  
Wenda wazatwigisha  
Kuguruka nkawe.

# IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

1. Barton, B. & Booth, D. (1995), Stories in the classroom. Storytelling Reading Aloud and Role
2. Edition Bakame, (2007), Playing with Children. Markham, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa kabiri. Kigali.
3. Edition Bakame, (2007), Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu. Kigali.
5. Feitelson, D. & Goldstein, Z. (1986.), Paterns of Book Ownership and Reading to Young children in Israelo School-Oriented and Non-school Oriented Families. Reading Teacher, 39 (9), 924-930
6. Gambrell, L. (1996), Creating classroom cultures that foster reading motvaton. The Reading Teacher, 50 (1), 14-25.
7. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2009), Gusoma, Kwandika no Kubara, Igitabo cy'Umwigishwa. Kigali.
8. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2015), Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza: Ikicro cya mbere cy'amashuri abanza. Kigali.
9. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004.), Gusoma 2, Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali.
10. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004.), Gusoma 3, Igitabo cy'umunyeshuri, Kigali.
13. Institut de Recherche Scientifique et Technologique (IRST), (2011.), Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda, MAGANEM, Kigali.
14. Kagame F., Zorzut C. & Bonfls P.(2006), Imigani y'Ikinyarwanda. Proverbes rwandais. Proverbs from Rwanda, Éditons Sépia.
15. Karweit, N., & Wasik, B. (1996), The effects of story reading programs on literacy and language development of disadvantaged pre-schoolers. Journal of Education for Students Placed At-Risk 4:319-48 Ministère de l'Éducaton Natonale, Direction Générale des Etudes et Recherches Pédagogiques,
16. Bureau Pédagogique, (1977), Cours de Méthodologie Spéciale Kinyarwanda, Kigali.
17. MK. (2007), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa kabiri. Kigali.

This work is licensed under the Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>.

This work is an adaptation of materials originally developed through collaboration between the Rwanda Education Board and USAID. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation by the Rwanda Education Board and USAID Soma Umenye of an original work developed through collaboration between the Rwanda Education Board and the USAID Language, Literacy, and Learning Project, © Rwanda Education Board. Second Edition.

More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.



**USAID**  
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA